

REPUBLIQUE RWANDAISE

GISENYI, le 20/2/98

PREFECTURE GISENYI

N° 00 5/ ENCAPREJESCAFOP/98

ENCAPREJESCAFOP.

D.S.G -


*à exploiter par
le Div. Plaintif
(Caus)
31.3.98*

IMPANVU: RAPORO

Y'UMWAKA WA 97.

KURI BWANA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

K I G A L I



BINYUJIJWE KURI BWANA PEREFETE WA PEREFEGITURA

G I S E N Y I

[Handwritten signature and notes in blue ink]

BWANA MINISITIRI,

NKUKO BISANZWE, NSHIMISHIJWE NO KUBOHEREREZA

KU MUGEREKA WURU RWANDIKO RAPORO Y'UMWAKA WA 97.

NKABA MBASHIMIYE, BWANA MINISITIRI, UKO

MUYAKIRA MUKURIKIJE INGORANE ZIRI MURI AKA KARERE TURIMO N'IZO MU ^{KAZI} ZITOROSHYE.

UMJYOBOZI W'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO

KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

RUFOKO GAKWAYA EMMANUEL.



RAPORO Y'UMWAKA 1998.

I . UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO, SIPORO, UMICO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE MURI

PEREFEGITURA G I S E N Y I.

- II . UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO MURI KOMINI.
- III . ISHAMI RY'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO.
- JV . ISHAMI RYA SIPORO N'IMYIDAGADURO.
- V . ISHAMI RY'UMICO.
- VI . ISHAMI RY'IMYUGA ICIRIRITSE.
- VII . INGORANE ZABONETSE.
- VIII . GAHUNDA Y'INGAMBA Z'UMWAKA WA 98.

I. ABAKOZI MU RWEGO RWA PEREFEGITURA:

KU RWEGO RWA PEREFEGITURA, HARI ABAKOZI 2 GUSA.

- 1 . RUFOKO GAKWAYA EMMANUEL
- 2 . RUZINDANA ISHYAKA PASIKARI

II. ABAKOZI MU RWEGO RWA ZA KOMINI:

- 1 . RUZINDANA EMILE WA KOMINI RUBAVU
- 2 . NTUYAHIMANA THARCISSE WA KOMINI MUTURA
- 3 . GAKINA GERARIDI WA KOMINI NYANYUMBA
- 4 . BIZIMANA FRANCOIS XAVIER WA KOMINI KAYOVE
- 5 . MUGABO SIMBON WA KOMINI KARAGO
- 6 . INGABIRE ADIRIYANI WA KOMINI GIGIYE
- 7 . KUBWAYEZU FLAVIER WA KOMINI SATINSYI
- 8 . MUSABYIMANA WA KOMINI KIBIRIRA
- 9 . GASIRABO FEREDERIKO WA KOMINI RAMBA
- 10 . BUCYENSENGE GERARIDI WARI UWA KANAMA YARISHWE
- 11 . UWIMANA EVARISITI WARI UWA RWERERE YARISHWE
- 12 . MURI KOMINI GASEKE NTA MUKOZI UHABA KUKO UHAGIYE ADAHWEZWA NK'ABANDI.

... / ...

N B NABARIYA 9 BAHASIGAYE BAHANYANYAZA, NTI BAHAMBUWA KUKO NTA KONTARO BAGIRANYE NA KOMINI ZABO . BAGURIZWA HASHIZE AMEZI N'AMEZI NGO MJESCAFOP IZISHYURA.

III . ISHAMI RY'URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO:

- KUBERA UMUTEKANO MUKE URANGWA MU MAJYARUGURU Y'U RWANDA, NTABWO NTA BARURA RY'URUBYIRUKO RYABAYE N'AMASHYIRAHAMWE YARWO RYABAYE. NUKUVUGA KO ABASHINZWE URUBYIRUKO BATASHOBYE KUGIRA ICYO BAKORA. URETSE KOMINI KAYOVE IFITE URUBYIRUKO KUVA KU MYAKA 14 - 25: ABAKOBWA 20 253 N'ABAHUNGU 18 812; BOSE = ~~39~~ 39 065.
NA KOMINI NYAMYUMBA IFITE ABAKOBWA 16 935 N'ABAHUNGU 14 961; BOSE = 31 896.
- INZEGO Z'URUBYIRUKO ZARI ZASHYIZWEHO KUGEZA KU RWEGO RWA KOMINI, ARIKO KUBERA UMUTEKANO MUKE URANGWA MU MAKOMINI YOSE YA PEREFEGITURA GISENYI, NTIZASHOBYE GUKORA NKUKO NINDI MIRIMO ITAKOZWE UKO BIKWIYE.

IV . ISHAMI RYA SIPORO N'IMYIDAGADURO:

- a) - MURI KOMINI Y'UMUGI YA RUBAVU SIPORO YARAKOZWE NUBWO ATARI SHYASHYA, MU MUPIRA Y'AMAGURU N'AMABOKO (FB, BB NA VB) KUKO HABAYE AMARUSHANWA MENSHI MU RWEGO RW'ABANYESHURI N'ABATARI ABANYESHURI. URETSE KO ABANYESHURI BAGEZE NO MU RWEGO RW'I GIHUGU MU MUPIRA W'AMAGURU BAKUGUKANA IGIKOMBE BARI I BUTARE?.
- NO MU MIKINO NGORORAMUBIRI (ATHLETISME) BABONYE IMEDARI ITARI MIKE MU RWEGO RW'I GIHUGU.
- ANDI MARUSHANWA YABAYE MU MIKINO YO:
 1. KOGA INSHURO NYINSHI.
 2. KWIRUKA NABYO BYABAYE INSHURO NYINSHI.
 3. AMARUSHANWA MU ISIGANWA EY'AMAGARE KU BIMUGA N'ABAZIMA.

b) IMYIDAGADURO:

Habaye amarushanwa atari make mu rwego rwa PEREFEGITURA YAHUJE AMATOREIRO AKOresha IBINTU BYA GAKONDO NI BYA KIZUNGU.

V . ISHAMI RY'UMUCO NYARWANDA:

KUBERA ITSEMNAMUCO RYAGAGAJE U RWANDA KUVA K'UMWADUKO W'ABAKOLONI IKATUGEZA MURI RURANGIZA YA 94, IGARURAMUCO NYARWANDA RYITANEHO MURI PEREFEGITURA GISENYI NUBO;.... UBU TUKABA TWIZEYE IMPUZAMUCO IZATUGEZA KW'IBUYE NSANGANYARUKUTA. KUBERA IZO MPANVU, MURI PEREFEGITURA GISENYI HABAYE HABAYE AMARUSHANWA MENSHI YAHUJE AMATORERO N'ABANTU KU GITI CYABO KUBIREBANA N'UMUCO MU RWEGO RWA PEREFEGITURA. NAHO MU RWEGO RW'I GIHUGU, ITORERO TWIZERANE RYA KOMINI RUBAVU RISRUKIRA NEZA PEREFEGITURA GISENYI , RIMWE YAZANYE IGIKOMBE UBUNDI IAHANA AMAFARANGA IBIHUMBI MAGANA ATATU. IBYO BIKABA BYEREKANA KO YITWAYE NEZA MU RWEGO RW'I GIHUGU.

HABAYE N'ANDI MARUSHANWA MENSHI MU UKWIMAKAZA UMUCO W'AMAHORO; ORCHESTRE YO MU KIGO CY'ABADAHOGORA IHAGARARIRA PEREFEGITURA GISENYI INSHURO NYINSHI MU BURYO BUSHIMISHIJE ABABYUNVISE BAKANABIBONA.

HAGIYE HABA N'IBIGANIRO NPAKA MUGUCENGEZA UMUCO W'AMAHORO N'UMUCO MU ITERAMBERE RY'I GIHUGU KIMWE NO MU INGANDO ZABAYE.

IBIHE BIGENZE NEZA, IBYO BIGANIRO BYAZAKOMEZA MU GUSHISHIKARIZA IHUZAMUCO MU NZEGO Z'URUBYIRUKO MU RWEGO RWA KOMINI NIBURA RIMWE MU KWIZA MURI BURI KOMINI.

VI. ISHAMI RY'IMYUGA ICIRIRITSE:

KUBIREBANA N'IMYUGA, NARI NASABYE ABASHINZWE URUBYIRUKO MU MAKOMINI KUGIRANGO BABARURERE IMYUGA YOSE IBONEKA MURI KOMINI BASHINZWE,ARIKO KUBERA IKIBAZO CY'UMUTEKANO MUKE ntacyakozwe. CYAKORA AGAHENGE KABONETSE NAKONGERA NKABIBUTSA . BAGAKORA IBARURA RYIYO MYUGA HAMWE N'IBIGO BYAHOZE ARI AMASERAYI (CERAI) KUGIRANGO TUREBE KO HARI IBYASHOBORA GUKORESHA BITARUHANYIJE CYANE.

VII. INGORANE ZIBONEKA MURI RUSANGE;

- 1 . ABAKOZI 2 GUSA MURI PEREFEGITURA KANDI BAGOMBYE KUBA NIBURA 6;
 - USHINZWE URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHANWE YANWO.
 - USHINZWE SIPORO N'IMYIDAGADURO.
 - USHINZWE UMUCO
 - USHINZWE IMYUGA ICIRIRITSE

.../...

- UMWANDITSI (SECRETAIRE).
- USHINZWE UBUTUMWA N'ISUKU (PLANTON).
- 2 . ABAKOZI BASHINZWE URUBYIRUKO MU MAKOMINI BADAHEMBWA.
- 3 . IPIKIPIKI YAPFUYE INTIKORWE NUBWO RUZINDANA PASIKARI ARIWE UZI UKO IMEZE.
- 4 . KUBURA IBIKORESHO BYO MU BIRO.
- 5 . KUBURA IBIKORESHO BY'IMIKINO INYURANYE (DIFFERENTS MATERIELS SPORTIFS).
- 6 . KUBURA UBURYO NGO GUSHIMANGIRE INZEGO Z'URUBYIRUKO NIBURA INAMA 1 MU KWEZI IGAHUZA ABAGIZE IZO NZEGO MU RWEGO RWABURI KOMINI.
- 7 . KUDAHUGURA ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO BO MU MAKOMINI.
- 8 . KUBURA UBURYO NGO GUSHUGURE URUBYIRUKO MU BURERE MPUZAMUCO NA MBONERA GIHUGU.
- 9 . KUBURA AMAVUTA NGO PEREFECTURA IDUTIZE IMODOKA NGO DUKURIKIRANE AKAZI MU MAKOMINI.
- 10 . KUDASANA IKIGO (C F J) CYA KARAGO NGO KIVE MU MABORO Y'ABAKIBOHOJE.
- 11 . KUBURA AMIKORO NGO HAKORESHWE INGANDO MURI BURI KOMINI Z'URUBYIRUKO RWOSE.
- 12 . KUTABONA AMAFARANGA Y'UBUTUMWA (FRAIS DE MISSION).

VIII. GAHUNDA Y'INGAMBA Y'UMWAKA WA 98:

A. URUBYIRUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO:

1. KUBARURA URUBYIRUKO RITIZE N'URWACIKIJE AMASHURI KUVA KU MYAKA 14- 25.
2. KUBARURA ABANA BATAGIRA KIVURIRA N'ABARI MU BIGO BY'ABAGIRANEZA.
3. KUBARURA AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO N'UMWIRONDORO WAYO (IDENTIFICATION DES G.S.E.).
4. KUMENYA AMASHYIRAHAMWE Y'ABARI , URUBYIRUKO RWAMUGAYE n'URUTAGIRA KIVURIRA.
5. GUSHIMANGIRA NO GUSOBANURA AKAMARO K'INZEGO Z'URUBYIRUKO BINYUZE MU NAMA ZABERA MURI BURI KOMINI NIBURA RIMWE MU KWEZI.
6. GUSHISHIKARIZA URUBYIRUKO UKO RWAKWIBUMBATIRA UMUTEKANO RUFATANIJE N'IZINDI NZEGO.
7. GUSHISHIKARIZA URUBYIRUKO UKO RWAKWIRINDA INWARA Z'IBYOREZO CYANE CYANE S I D A .
8. GUTEGURA URUBYIRUKO KUGIRANGO RUZAKORE UMUNSI WARWO MU RWEGO RWA PEREFECTURA RWEREKANA IBYO RWAKOZE MU MYUGA INYURANYE (EXPOSITION VENTE).

... / ...

B. SIPORO N'IMYIDAGADURO (SPORT ET LOISIRS):

1. SIPORO (IMIKINO INYURANYE):

KUNVISHA ABANTU BOSE BO MU NZEGO ZOSE KO IMIKINO ARI GAHUZAMIRYANGO KUKO ITUMA ABANTU B'INGERI ZOSE BABA BAKUNDANA CYANGWA BAKUNDANA BAGIRANA U B U S A B A N E.

GUTEGURA AMARUSHANWA Y'IMIKINO INYURANYE BISHOBOTSE MU INZEGO ZOSE.

URUZA URUBYIRUKO HURI MU MASHURI N'URUTAYARIMO MU MIKINO INYURANYE KUGIRANGO RURUSHIHO KUGIRANA UBUSABANE.

GUTEGURA IMIKINO Y'ABANTU BOSE (SPORT DE MASE) KUGIRANGO BASHOBORE KUNGA UBUPWE NUBWO IBIKORESHO BITABONEKA BITUMA IYO MIKINO ISHYIRWA MU BIKORWA.

GUTEGURA AMARUSHANWA MU MIKINO INYURANYE: IZAHUZA abasirikari, AMAKOMINI, ABACURUZI N'ABAKURU B'IMIRIMO KUKO ITUMA ABANTU BATINYUKANA, U B U S A B A N E BUKAGANZA MU BANTU.

2. IMYIDAGADURO:

GUTEGURA AMARUSHANWA MU RWEGO RWA KOMINI MU MATORERO ABABONEKA BAKORESHA IBIKORESHO BYA GAKONDO N'IBYA KIZUGU. HABA MU MATORERO CYANGWA UMUNTU KU GITI CYE.

GUKORESHA IBITARAMO KU RWEGO RWA PEREFEGITURA NIBURA RIMWE MU GIHEGWE KUGIRANGO ABANTU BASHOBORE GUSABANA KUKO IMYIDAGADURO NAYO ARI GAHUZAMIRYANGO.

C. UMUCO (LA CULTURE DE LA PAIX):

KUBERA KO ITSIBAMUCO RYAYOGOJE U RWANDA RIKARIROHA MU MAHANO YO MURI 94 ATAZIBAGIRANA KW'ISI HOSE, HAKWIYE IGARURAMUCO NYARWANDA (IMPUZAMUCO) INYIJWE MU BICANIRO MPAKA CONFERANCES DEBATS), MU INDIRIMBO, IMIVUGO N'INKINAMICO.

GUSOBANURIRA ABANTU BOSE CYANE CYANE URUBYIRUKO:

1. UMUCO W'AMAHORO MURI URU RWANDA RWAGU MURI IKI GIHE MPINDURAMATWARA.
2. UMUCO MU ITERAMBERE MU GIHUGU CYAGU NDISE NO HANZE YACYO.
3. GUTEGURA AMARUSHANWA AGAMIJE GUCENGEZA UMUCO MWIZA MU BANTU.
4. GUTEGURA BISHOBOTSE ISERUKIRAMUCO RY'AMAHORO (FESTIVAL DE LA PAIX) MU RWEGO RWA PEREFEGITURA NIBURA 2 MU MWAKA, URUBYIRUKO RUKAGIRAMO URUHARI RUGARAGARA.

... /

D. IMYUGA ICIRIRITSE (FORMATION PROFESSIONNELLE):

1. KUBARURA IBIGO BY'IMYUGA (CENTRE DE FORMATION DES JEUNES) BYAHOZE ARI AMASERAYI (CERAI) .
2. KUKUBA IBISHOBORA GUTANGIRA GUKORA MURI BURI KOMINI NIBA AMUKORO ABONETSE.
3. KUBARURA IMYUGA IBOYIKA MURI BURI KOMINI YABA IKORWA MU BURYI BW'AMASHYIRAHAMWE CYANGWA IKORWA N'UMUNTU KU GITI CYE.
4. KUBERA KO MURI MINISITERI HARI UBUYOBOZI 4 (4 DIRECTIONS) AH MUJESGAFOP, HARI HAKWIYE ABAKOZI NIBURA 6 KUGIRANGO IYI MIRIMO UMUSARURO USHOBORE KWIYONGERA:
 - A. USHINWE URUBYERUKO N'AMASHYIRAHAMWE YARWO.
 - B. USHINWE SIPORO N'IMYIDAGADURO (SPORT ET LOISIRS).
 - C. USHINWE UMUCO N'UBURERE MBONERA GIHUGU (CULTURE ET EDUCATION CIVIQUE).
 - D. USHINWE IMYUGA ICIRIRITSE (FORMATION PROFESSIONNELLE).
 - E. USHINWE UBWANDITSI N'AMABANGA (SECRETAIRE - DACTYLOGRAPHIE).
 - F. USHINWE ISUKU N'UBUFUNWA (PLANTON).

N B . NDONGERA KWIBUTSA KO TURI BABIRI GUSA KURI IYO MIRIMO YOSE NAVUZE HARUGURU.

IYI GAHUNDA YASHOBOKA ARUKO HABONETSE ABAKOZI BAHAGIJE, KANDI BAKANAGIRA

UBURYO BWO KUBAFASHA GUKURIKIRANA IYO MIRIMO YOSE (MOYEN MATERIEL ET PECUNIAIRE).

... / ...

ISIGANWA RY'AHAGARE Y'ABAHUGAYE BAGEYENDERA KU MAGARE RYO KU WA 3/12/97:

DORE UKO BAKURIKIRANYE N'IGIHE BAKOSESHEJE BASIGANWA KURI KM 1,500:

1. BAFUNZI YOHANI	5'35"
2. BIMENYIMANA YUSUFU	6'41"
3. BYUNVUHORE ABULU	6'49"
4. NZEZIMANA EMMANUEL	6'50"
5. MUSABYIMANA ELIYASI	7'20"
6. UWITONZE ISIIONI	7'32"
7. NYIRAKABAYA ODETA	8'38"
8. NYIBANYENDERA ERINESIYE	8'55"
9. MUKOHWAYIRE CHANTAL	9'40"

IRINDI SIGANWA RYABO RYABAYE KU WA 6/12/97 BAZENGURUKA IKUBUGA (CIRCUIT FERME) M 800:

1 . DOMINIKO	2'54"	UMUNYEKONGO
2 . GERIVASI	3'01"	"
3 . CYOMBE	3'08"	"
4 . KAMATE	3'20"	"
5 . BASHIMBE	3'22"	"
6 . BIRINDWA	3'24"	UMUNYARWANDA
7 . GATUNZI	3'27"	"
8 . BIMENYIMANA	3'32"	"
9 . NIYONZIMA	3'38"	"
10 . BIRWA	3'52"	"
11 . NSANZABANDAI	3'52"	"
12 . UWITONZE	4'18"	"
13 . BASHUKA	4'25"	UMUNYEKONGO
14 . EUGUESWINKA	4'27"	"
15 . NYIBANYENDERA	4'35"	UMUNYARWANDA

.../...

16 .	NDAGLJIMANA	4'38"	UMUNYARWANDA
17 .	HABLYANGERE	4'39"	"
18 .	NDODE	4'49"	UMUNYEKONGO
19 .	MUCANGA	4'50"	UMUNYARWANDA
20 .	MUNYANEZA	4'54"	"
21 .	BYUNVUHORE	4'55"	"
22 .	HWABUKAMBA	4'56"	"
23 .	SEBAGENI	5'09"	"
24 .	HABIMANA	5'12"	"
25 .	MARIKO	5'20"	UMUNYEKONGO
26 .	BYUNVUHORE FIDELI	5'27"	UMUNYARWANDA
27 .	BUTERA	6'10"	"
28 .	MUSABIMANA	6'6'39"	"
29 .	PASIKALI	6'55"	UMUNYEKONGO
30 .	KAREMA ASSUMANI	7'10"	UMUNYARWANDA

N B . IRYO SIGANWA RYARI RYAHUJE ABAMUGAYE BAGENDERA KU MAGARE BO MU RWANDA
 NABO BATUMIRA BAGENZI BABO BAGENDERA KU MAGARE BO MURI KONGO (GOMA).

... / ...

IRUSHANWA RYO K O G A RYO KU WA 28/12/97 MU KIYAGA CYA K I V U :

AMAZINA | LINYAKA | IGIHE BAKORESHATE

A: ABAKWOEMA: M 120 :

1. MUGENI MEDIATRICE	15	1 2'59"
2. MUKAMURENZI PACIFIQUE	17	1 3'01"
3. EWIZA LILIANE	17	1 3'21"
4. MUSHAKARUGO CHANTAL	16	1 3'26"
5. MUGENI BERWA EVOIE	11 (60 M)	1 1'46"

B. ABAHUNGU M 240:

1. KAYISHEMA J AIME	17	1 4'51"
2. NIYIBIZI INNOCENT	16	1 5'01"
3. NDAHIMANA	17	1 5'47"
4. GENDANEZA GASTON	27	1 6'04"
5. TWAHIRWA VICTOR	15	1 6'09"
6. NSABIMANA LUCIE	20	1 6'18"
7. MAREKANE YVES	16	1 6'39"
8. MUSHIME ELYSIE	12 (60 M)	1 1'35"

FINALE Y'ABAKWOEMA M 60:

1. MUKAMURENZI PACIFIQUE	17	1 1'16"
2. MUGENI MEDIATRICE	15	1 1'27"
3. MUSHAKARUGO CHANTAL	16	1 1'27"
4. EWIZA LILIANE	17	1 1'31"

FINALE Y'ABAHUNGU M 120 :

1. KAYISHEMA J AIME	17	1 1'09"
2. NIYIBIZI INNOCENT	16	1 1'19"
3. NDAHIMANA	17	1 1'31"
4. GENDANEZA GASTON	27	1 1'40"
5. TWAHIRWA VICTOR	15	1 1'44"
6. NSABIMANA LUCIE	20	1 1'45"

... / ...

IMUKIRO Y'ABANA BAHAGIRA KIVURIRA YABAYE MURI 97 IKABA YARI INYURANYE:

ABAKWOBWA KWIRUKA M 1 500 I : IGIHE BAKOROSHEJE : IKIBO BAFURUKAMO:

1 . MUKESHIMANA DELPHINE	5'48"	NGODOKA
2 . MUKAMUCANGA CLAUDINE	6'00"	NYUNDO NOEL
3 . NZASANGAMARIYA DANCILLE	6'04"	NGOBOKA
4 . UMUGIRANEZA CONSOLIE	6'30"	NYUNDO NOEL
5 . MUKARUKWAYA	6'30"	MURARA
6 . GATISI ZAWADI	6'49"	MURARA
7 . MUTUPE CHANTAL	7'12"	MURARA
8 . MUKANSENGIYUNVA M.ANGE	7'50"	NYUNDO NOEL

ABAHUNGU M 1 500

1 . NSABIMANA FRANCOIS	4'59"	NYUNDO NOEL
2 . NYONZIMA EMMANUEL	5'06"	"
3 . BAYIRINCIRE JEAN PAUL	5'17"	"
4 . MUBANO	5'25"	MURARA
5 . SIBOMANA FELICIER	5'30"	TWIKOMEZE
6 . MUHIRE KIGINGI	5'46"	MURARA
7 . NSABELIMANA GILBERT	6'05"	TWIKOMEZE
8 . SIEMANA EFICATE	6'10"	NYUNDO NOEL
9 . NKUBITO PEPEYI	6'12"	"
10 . TUYISHIMU JOSEPH	6'25"	NYUNDO NOEL
11 . TWAGIRAYEZU CHRISTOPHE	6'37"	NGOBOKA

KWIRUKA IKORERYE AMAZI YUZUYE INDOBO BAYIRENGERERE K'UMUTE:

1/ ISHIMU UMUKWOBWA	NYUNDO NOEL
2. NYONZIMA UMUHUNGU	"
3. NGIRIMANA UMUHUNGU	MURARA

GUSIGANWA BARI MU MIFUKA:

1. NDAYAMBAJE THEOGENE	UMUHUNGU	NGOBOKA
2. UWIREYE ODETTE	UMUKWOBWA	MURARA
3. INGABIRE	UMUKWOBWA	MURARA
4. BASABOSE IBRAHIM	UMUHUNGU	TWIKOMEZE

GUSIGANWA BAHENDESHA AMABOKO:

1. UMUKIZA	UMUHUNGU	NYUNDO NOEL
2. SAHURA	"	MURARA
3. SIKUBWABO	"	"

... / ...

D. IMBONERAHAMWE Y'IBIBUGA BY'IMIKINO MURI PEREREGITURU YA GISENYI :

KOMINI	F.B.	B.B.	V.B.	TENNIS	H.B.	PISTE D'	INGORORA	ABANYAMAGARE (CYCLISTES)	K O G A
						ATHLETISME	MUBIRI (ATHLETES)		
1. RUBAVU	10	4	4	1	-	1	22	24	20
2. RWERERE	1	1	2	-	-	-	-	-	-
3. MUTURU	8	1	1	1	1	-	18	-	-
4. KANAMA	6	3	5	1	3	-	-	-	-
5. NYAMUYEMBA	12	4	6	-	-	-	50	15	12
6. KAYOVE	12	1	2	-	-	-	149	15	20
7. KARAGO	7	4	5	1	1	-	39	3	-
8. GICITYE	-	-	-	-	-	-	-	-	-
9. GASEKE	6	2	4	-	1	-	23	-	-
10. SATINSYI	9	2	6	1	1	-	23	-	-
11. KUBIRIRA	4	3	6	-	3	-	22	-	-
12. RAMBA	3	4	4	-	3	-	53	-	-
TOTAL 12	78	29	45	5	13	1	399	57	52

C. IMBONERAHAMWEY' IMYIDAGADUROYO MURI PEREPEGITURAYA GISENYI:

KOMINI	Orchestre	GROUPEES	ABAVUZA	INTORE	SOLISTES	INZU MBERABYOMBI	ABAJYAMO (CAPACITE D'ACQUEIL)	
		FOLKLORIQUES	INGOMA			SALLES POLYVALENTES		
1.	RUBAVU	1	5	1	2	8	4	Buri Nzu 500
2.	RWERERE	-	11	2	1	7	1	300
3.	MUTURA	-	5	-	1	5	2	300
4.	KANAMA	-	3	1	2	4	2	300
5.	NYAMYUMBA	-	11	4	5	4	3	500
6.	KAYOVE	-	9	6	4	43	1	300
7.	KARAGO	-	1	-	-	2	2	300
8.	GICIYE							
9.	GASEKE	-	2	-	-	5	2	200
10.	SATINSYI	-	3	2	4	3	3	400
11.	KIBIRIRA	-	8	1	4	3	2	300
12.	RAMBA	-	8	5	8	48	1	200

TOTAL 12 | 1 | 66 | 22 | 31 | 142 | 23 | 1

IMBONEREHAMWE Y'IMYUGA MURI GISENYI
HAKURIKIJWE IBONEKA MU MAKOMINI
N'IBYICIRO BYAYO.

KOMINI.....

AMAZINA YA MASHYIRAHAMWE CYANGWA AY'ABANTU KUGITI CYABO	- IZINA RY'IMYUGA AFITE CYANGWA BAFITE
---	---

URUGERO

- | | |
|---|--|
| 1. KOTAGIRWA (Tannerie et
maraquinorie) | - Gukora IMPU (abakannyi) |
| 2. KALISA KALORI (Sculpture
en bois) | - Kubaza amashusho
- Kuboha impira yambarwa |
| 3. KAMBAYIRE (Tricoteuse) | |
| 4. DUTERANINKUNGA (Butunda et
Vin de bananier) | - Gukora butunda na divayi mu bitoki |
| 5. ABAMARARUNGU (Cartes
Postales en feuilles de bananiers
et poupées en tissus) | - Bakora amakarita yitumanaho n'
- ibikinisho by'abana mu birere n'
- myenda |
| 6. KARARA JEAN (Serrurier) | - Akora amagufuri n'ibindi..... |

REPUBLIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA KIBUNGO
UBUYOBOZI BWA
MIJESCAPOF.

Tariki 16/03/1998.

A traiter par
Date entrée: 01/04/98
N° Classement: 764/24

Innocent
pour exploitation
Note aux directeurs
chaque ce
qui le concerne
24-04-98

Nyakubahwa Minisitiri
w'Urubwiruko, Imikino,
Umuco no kwigisha imyuga iciritse.
KIGALI.

Impamvu: Kohereza Raporo
y'umwaka 1997.

Nyakubahwa,

w'iyibaruwa Raporo y'umwaka 1997.

Nejewe no kubohereza k'umugereka

Mboneyeho kubamenyesha ko kutabagereraho
igihe ari uko umu Secretaire ari mu karuhuko amaze ukwezi n'igice.

Mugire imirimo myiza.

UHAGARARIYE MIJESCAPOF KIBUNGO
BAGOROZI Come

Bimenyeshejwe:

Bwana Prefe wa
Prefegitura Kibungo.



RAPORO Y' UMWAKA 1997:

O. INTANGIRIRO

I. IGICE CYA MBERE

I.I URUBYIRUKO

- I.1 Inzego z'urubyiruko
- I.2 Ibarura ry'urubyiruko
- I.3 Ibigo by'urubyiruko
- I.4 Ibikorwa nyongerabukungu by'urubyiruko
- I.5 Imiryango y'urubyiruko.

II. IGICE CYA KABIRI

II.I IMIKINO RUSANGE

- 2.1 Umupira w'amaguru
- 2.2 Umupira w'intoki (V.B.H.B.B)
- 2.3 Imikino ngororangingo
- 2.4 Isiganwa ry'amagare
- 2.5 Imyidagaduro

III. IMIRYANGO ITAGENGWA NA LETA IKORANA N'URUBYIRUKO

IV. UMWANZURO

V. IMITERERE Y'ABAKOZI.

INTANGIRIRO:

Raporo y'umwaka 1997 mu buyobozi bw'urubyiruko, imikino, umuco no kwigisha imyuga iciriritse, ikaba ishingiye ku bice bikuru bitatu:

- Urubyiruko
- Imikino
- Imiryango ikorana n'urubyiruko

Muri uyu mwaka gahunda y'imirimo yari yateguwe ntabwo yashoboye gushyirwa mu bikorwa kuko havutse gahunda zihutirwa zatumye ibikorwa bimwe bidashyirwa mu ngiro. Aho navuga nk'itahuka ry'abanyarwanda n'ingando zakurikiye tutibagiwe n'itangwa ry'indangamuntu.

I. IGICE CYA MBERE:

I.1 Urubyiruko

I.1 Inzego z'urubyiruko

Inzego z'urubyiruko ntabwo zirakomera ariko zari zarashinzwe k'urwego rwa Segiteri, ndetse hamwe hari naho zarashinzwe kuri Serire. Kuba rero inzego zidakomera biterwa nuko icyo gikorwa gisa nkaho cyahariwe ubuyobozi bw'urubyiruko gusa, izindi nzego zose zibanze zikaba ntacyo zibifashaho. Aho ni nk'inzego za Komini, segiteri na Serire.

Kuba n'ubuyobozi bw'urubyiruko muri za Komini budafite uburyo bwo kugera k'urubyiruko nabyo bituma, ibibazo by'urubyiruko birushaho kuba insobe.

Kuba ntabashinzwe urubyiruko bagengwa na MLJESCAFOP mu ma Komini nabyo bituma ibibazo byiyongera. Cyangwa se ntibikemurwe.

Abayobozi ba za Komini, ba Konseye, ba Responsabure, babihagurukiye bese, bagafasha Encadreur wa Komini, iza nzego zakomera, n'urubyiruko rwagera kuri byinshi.

I.2 Ibarura ry'urubyiruko:

Gukora ibarura ry'urubyiruko rwose ningombwa ariko bisaba uburyo bw'inshi. N'umurimo usaba ubufatanye bw'inzego. Nkuko byagiye bigaragara muri raporo nyinshi, uwo murimo ntabwo umuyobozi w'urubyiruko yawifasha m'urwego rwa Komini adafite uburyo ndetse n'inzego zibanze zitabimufashijemo. Muri gahunda ya buri gihe ibarura ry'urubyiruko turyitaho ariko ntabwo turashobora kubigeraho nkuko MINISITERI ibidusaba. Aho bagerageje batanga umubare rusange.

.....////.....

Muri Komini Kabarondo niho hageragejwe hakoreshejwe abanyeshuri bavuye mu Ngando, naho ntabwo ibikenewe byose byagezweho.

Urugero: Kabarondo:

Segiteri	Imyaka								Bose
	: 0 - 6	: 7 - 14	: 15 - 18	: 19 - 25					
	:Gabo:	Gore	:Gabo:	Gore:	Gabo	:Gore	:Gabo	:Gore	:
I. Kabarondo	:385	:424	:370	:438	:156	:213	:109	:164	: 2.259
2. Kinzovu	:415	:521	:327	:207	:286	:293	:152	:274	: 2515
3. Rundu	:368	:372	:448	:376	:200	:219	:225	:427	: 2455
4. Rubira	:275	:364	:365	:411	:265	:317	:132	:191	: 2320
5. Rusera	:356	:346	:263	:277	:257	:254	/180	::188	: 2121
6. Ruyonza	:291	:316	:204	:250	:215	:238	:157	:194	:1965
7. Ruramira	:390	:425	:384	:430	:158	:220	:110	:167	:2284
8. Nkamba	:369	:371	:419	:391	:205	:211	:218	:230	:2414
9. Rukira	:270	:369	:376	:380	:264	:296	:169	:186	:2310
10. Biranga	:384	:465	:388	:426	:262	:278	:179	:198	:2569
11. Shyamba	:278	:389	:373	:421	:273	:314	:137	:198	:2383
12. Murama	:298	:307	:268	:282	:228	:249	:152	:168	:1952
Bose	:4079	:4669	:4187	:4289	:2770	: 3102	: 1960	:2392	:27.447

Andi ma Komini ntamibare yatugejejeho uretse Komini-Kigarama:12.645

- Rusumo :22.587 mu masegiteri atanu, iya Gatore ikaba itarabaruwe.
- Rukira :11.000 muma Segiteri atatu gusa Rushikiri, Gituku na Rurenge.

I.3. Ibigo by'urubyiruko

Ibigo by'urubyiruko byakoraga mbere y'intambara nta nakimwe gikora. ari ibyo Minisitete yakurikiranaga: Kirwa na Gati (Kigarama-Muhazi). ari n'ibyigengaga nka CDRM (Mugesera) na Rukoma muri Sake.

Muri Komini Kayonza hatangiye ikigo cy'urubyiruko ahitwa Nyagasambu kigisha kubaza, kubaka no kudoda, kikaba ari ikiciro cya kabiri.

.....//.....

a) Ikigo cya Nyagasambu:i Kayonza kikaba cyarahuriyemo n'urubyiruko rutari urwa Kibungo gusa kuko hari abaje bava mu Mutara,Kigali ngari,Kibungo na Prefegitura y'umugi wa Kigali. icyo kigo gikene- we kwagurwa kugirango gishobore kwakira urubyiruko rwinshi,kuko abasore benshi n'inkumi bandagaye mu byaro.

Ikindi nuko imyuga yaba myinshi ndetse byanashoboka hagashyirwaho ibindi bigo mu ma Komini kugirango ibibazo by'urubyiruko bigabanuke. Muri icyo kigo urubyiruko rwashoboye kwiga ububaji,ubwubatsi,ubudozi mu gihe cy'amezi atandatu. Dore umubare wabo wose:

Ububaji		Ubwubatsi		ubudozi	
G	: F	G	: F	G	: F
23	: 3	27	: 8		: 32

Birenga: Kayonza		Kabarondo		Kigarama		Mugesera	
G	: F	G	: F	G	: F	G	: F
2	: 9	4	: 5	5	: -	-	: 3
							: 3

Sake		Rutonde		Muhazi		Nyarubuye		Rusumo	
G	: F	G	: F	G	: F	G	: F	G	: F
4	: I	5	: 4	3	: -	I	: -	I	: 4

Nyagatare: Muvumba		Kicukiro		Murambi		Gituza	
G	: F	G	: F	G	: F	G	: F
I	: -	3	: 3	2	: I	I	: 3
							: I
							: -

Mugusa		Rushashi		Rubungo		Kacyiru		Rukara	
G	: F	G	: F	G	: F	G	: F	G	: F
I	: -	I	: -	I	: -	-	: I	I	: I
									: I

Umubare w'urubyiruko rutari mu mashuri nirwinshi kandi rufite icyo rukora kigaragara amashuri menshi y'imyuga ashoboye kugwizwa muri za komini zose byaba byiza kuko uburara bwagabanuka,bityo abasore n'abakobwa bagashobora kugira icyo bikorera.

Muri Komini Birenga hari hateguwe ikigo cyo kwakira abasore n' inkumi bari hagati ya 50-100,ariko abari bemeye kugifasha ntacyo bakoze,MLJESCAFOP ivuganye n'ubuyobozi bw'iyi Komini icyo kigo bagitanga,kikaba nacyo cyakwakira urundi rubyiruko.

....//....

b) Ikigo kigisha ubukunishi no gutwara imodoka i Kavumu:

Nkuko twari twabisabwe na Ministeri, abasore benshi bari barasabye kujya kwiga muri icyo kigo kandi uwo murimo warakozwe ari mukiciro cya mbere ari no mucya kabiri.

Muri ibyo byiciro byombi i Kibungo hari hatanzwe abanyeshuri makumyabiri (20), icumi (10) mu cyiciro cya mbere, nirindi cumi (10) mu cyiciro cya kabiri.

Abo banyeshuri batanzwe bose, hakurikijwe ubushobozi kuko hari na benshi biyandikishije twangiye kuko twabonaga batazabishobora, abo nk'abatazi gusoma no kwandika, n'abandi twasangaga bafite inenge z'uburwayi bw'inyama zo munda twatinyaga ko kwaba ari ugutwara imyanya y'abandi; cyangwa se n'umurimo uwujyanye ntawukore.

Ikitumvikana ariko nuko abanyeshuri bajya muri icyo kigo dusanga abanyarwanda Kibungo boherejwe batagaragara mu biga. Turasanga bishobotse hakwiye kubaho uburyo busobanutse bwo kohereza abanyeshuri muri iryo shuri, kuko biraduteranya cyane n'abanyeshuri banditswe ndetse n'ababyeyi babo.

Ikindi turasaba ko twajya tunabona amazina y'abanyeshuri boherejwe i Kavumu kugirango tumenye neza niba abo twohereje kandi bakwiye, ibyangombwa basabwa aribo bagiye kwiga.

Mu byiciro bibiri byose, Kibungo yaba yaremerewe abanyeshuri batanu, ariko abo twashoboye kumenya ni babiri gusa: KALISA Callixte wize m'ugutwara imodoka mu kiciro cya mbere na UWIMANA Jacques mu kiciro cya kabiri. Niyo mpamvu rero hakenewe amazina y'abanyeshuri bemerewe, noneho ayo mazina tukaba tuyazi niba koko baroherejwe n'ubuyobozi bwa MLJESCAPOP muri Prefegitura.

I.4 Ibikorwa nyongerabukungu:

Ibikorwa by'urubyiruko byongera umutungo ntabwo bigaragara ariko urubyiruko rwinshi ruri mu mashyirahamwe avanze.

Amashyirahamwe yihariye y'urubyiruko ni amake kandi ntabwo afashe kubera ko ntabwo inama zihagiye ntabwo n'inguzanyo nk'ayandi mashyirahamwe.

Amashyirahamwe y'urubyiruko aracyahuzagurika kandi ntashobora no kugaragaza n'umutungo wayo kuko bakunze guhita bawugabana kuburyo kumenya neza uko umutungo uwa muri ayo mashyirahamwe bitoroshye, ndetse hamwe na hamwe usanga batanashobora gutanga na raporo zabo mu nyandiko.

....//??.

Amwe mu mashyirahamwe y'urubyiruko:

1. Mugesera

Izina ry'ishyirahamwe:	Segiteri	Umurimo
1. Amis des jeunes	: Kibare	: Ubucuruzi + ubuhinzi
2. Intiganda	: Sangaza	: Ubucuruzi
3. Umubano	: Zaza	: Ubucuruzi
4. Abadahemuka	: Cyizihira	: Ubuhinzi
5. Duteraninkunga	: Shywa	: Ubuhinzi
6. Abadatangwa	:	:

2. Rukira:

Izina ry'ishyirahamwe	Umubare	Aho ukorera:	Umurimo	Igihe ryatangiye
-Urubyiruko rwa segiteri Rugarama	: 47	: Rugarama	: Ubuhinzi	: 1996
-Urubyiruko rwa segiteri Rurenge	: 55	: Ruzeme	: Ububaji	: 1996
-Urubyiruko rwa segiteri Mushikiri	: 62	: Mushikiri	: Ubuhinzi	: 1997
-Urubyiruko rwa Rurama	: 71	: Rurama	: Ubuhinzi	: "
- " " Ntaruka	: 74	: Gashiru	: "	: "

3. Kayonza:

Izina ry'ishyirahamwe	Serire	Segiteri	Umubare	Igihe ryatangiye	Uruhagarariye	Umurimo
AJER	: Cyabajwa II	: Rwinkwavu	: 7	: 10.2.96	: Munganyinka	: Imashini isya
COCOP	: "	: "	: 7	: 10.11.97	: Rwabuhiri	:
Tuganamashyirahamwe	: Gasogi	: Gasogi	: 17	: 01.01.95	: Twahirwa	: Ubuhinzi
Abakangukiye-gukora	: Kimenga	: Mburabutu	: 15	: 04.12.95	: Semana Somm	: Ubuhinzi
K.T.S (Kayonza technical service Cyeru	:	: Kayonza	: 8	: 9-95	: TURINAWA	: Ububaji

Amashyirahamwe y'urubyiruko ni menshi ariko kubera ko n'imikorere muri za Komini atari myiza ntabwo dushobora kuyamenya yose. Ubundi urubyiruko ruri mu mashyirahamwe ni rwinshi, ubwo ni amashyirahamwe akorerwamo na bese, Ubuhinzi, ubworozi, ububaji.

Hari n'ahandi usanga muri izo segiteri hari urubyiruko rw'ishyize hamwe badoda ibitambaro, bataka, bakora uduseke n'ibindi. Ingorane zigaragara mu urubyiruko nuko rudashobora kwiyigira imishinga myiza, bakanabura ababegera ngo babibafashemo. Abayobozi b'urubyiruko k'urwego rwa Komini ntabwo bwo kugera aho hose ibikorwa by'urubyiruko bikorerwa, bigatuma n'ababyitangiriye bidatera imbere. Izindi nzego nazo ntabwo zitaho, kuko muri rusange usanga urubyiruko rwarahariwe MIJESCAFOP gusa.

Izindi nzitizi zihari zituma ibyo bikorwa by'urubyiruko bidatera imbere n'ukubura amafaranga yo kubashyigikira. Imiryango itagengwa na leta myinshi ikorana cyane cyane n'abagore, abapfakazi, ugasanga urubyiruko nta muryango urufasha.

....//....

1.5. Imiryango y'urubyiruko.

Imiryango y'urubyiruko irahari: XAVERIE, SCOUT, GUIDE, JOC, CHARISMATIQUE..... Mu kwezi kwa Munani habaye inama yamaze iminsi itatu.

Urubyiruko ruhagarariye urundi muri iyo miryango rwamaze iminsi rwungurana ibitekerezo muri St Joseph.

Barebeye hamwe: - Uruhare rw'urubyiruko mu majyambere y'igihugu.
- Uburenganzira bw'ikiremwa muntu.
- Umuco w'amahoro na Demokarasi.

Kuri 23/11/97, inama y'abasukuti yarabaye imara iminsi ibiri mu kigo cya E.T.O.. Muri iyo nama bigiye hamwe uburyo abari muri uwo muryango bakomeza inshingano zabo no gufasha urundi rubyiruko kwitabira kubaka igihugu bakoresheje ibikorwa byo gufasha abanyarwanda.

Nta buryo buhamwe burabaho bwo gukorana niyo miryango kuko abayishinzwe tutarashobora kubonana neza ngo dushyireho uburyo bwo gukorana.

Muri Komini MUGESERA niho honyine iyo miryango yatangiye gukorana n'ubuyobozi bw'urubyiruko.

Mu rwego rwa perefegitura, muri mutarama 1998, Umuyobozi w'uhagarariye iyo miryango muri diocèse twashoboye kuvugana uburyo twakorana, nawe akaba abishaka cyane ariko nawe afite ibibazo ko nta buryo afite. Kuko nko yabinsobanuriye, kugira ngo niyo miryango ishobore gukora hari ibikoreho bimwe bakayiteyemo inkunga ariko ntabwo babona urwo rubyiruko cyangwa ari cyo barusaba ntacyo barufashishije.

.../...

IFISHI NDANGA-MUCO.

Komini NYARUBUYE.

Segiteri	Izina ry'itorero	Icyo bakora	Umuhozezi	Umunsi	Igihe	Serire
Giseriye	Abihuje	- Kubyina - Guhamiriza - Ikinamico	MUSIRIKARE - Boniface	- Kuwa 2 - Kuwa 4	3h00	Kigufi
Nyarubuye	Ababerabirori	- Kubyina - Guhamiriza	Césarie	- Kuwa 1 - Kuwa 3 - Kuwa 5	2h30 - 18h00	Bugarura
Kankobwa	Abunzumbwe	Kubyina	MUTETERI	- Kuwa 3 - Kuwa 6	3h-5h00	Murindi
Nyabitare	-	Kubyina Guhamiriza	-	- Kuwa 2 - Kuwa 4	2h00-5h00	Rugarama

Komini RUSUMO.

Segiteri	Izina ry'itorero	Icyo bakora	Umujobozi	Umunsi	Igihe	Serire
Kigina	Inshozamihigo	-Kubya	NSENGIYUMVA	Kucyumwera	-	Kavuzo
	Imparirwakubarusha	- Kubya+guhmiriza	NYIRABIHOGO	"	-	Nyakibande
Kirehe	Imararungu	- Kubya +guhmiriza	PURAHA	"	-	Ruhanga
	Murumba	- Kubya + utundi dukino	MUNYANEZA	"	-	Kaziba
	Imanzi	Kubya'ka'	KARANGANWA	"	-	Kaziba
	Indaahyikirwa	- Guhmiriza + Kubya	SEBIKWEKWE	Kuwa 6	-	Rutabagu
Kigarama	Inyami bwa	BAZATOHWA	Kuwa 5	-	Kigarama	
Gatore	Abatangana	Kubya	MAJORO	Ku cyumwera	-	Nyami ryango
	Musaza	Gatwe	MUNYARUGENDO	Kuwa 4	-	Gatwe
Kigarama	Kabugiri	Kubya+gucuranga	NKURUNZIZA	Kuwa 4	-	Kabugiri
	Rugarama	Kubya	TURASINZE	Kuwa 4	-	Rugarama
	<i>Kagera</i>	<i>Kubya</i>	<i>Ndiwigatubire</i>	<i>Kuwa 4</i>	<i>-</i>	<i>Kagera.</i>

Komini MUGESERA.

Segiteri	Izina ry'itorero	Icyo rikora	Umujobozi	Serire
Kukabuye	Utunyange	Imishayayo	MUKASAFARI	Rurama
Kabirizi I Karembo	Abangakurutwa Indangamirwa	Imidiho Imishayayo+Intore	MURUTABABI PACIFIQUE	Gitaraga Karaba

Komini : KABARONDO.

Segiteri	Izina ry'itorero	Icyo rikora	Umujobozi	Umunsi	Igihe	Serire
Ruramira	Abajyamugambi	-Kubyina + -Gushayaya	MUKAKABERA	Kuwa 6	16h00	Umubuga
	Ubumwe	- Kubyina - Gushayaya - Kuririmba	KANTARAMA	Kuwa 6	15h00	Ntarimba
Nkamba	Abahizi	- Kubyina - Gushayaya	MUKAMANA	Kuwa 6 Kuwa 2	15h00	MABUGA
Ruyonza	Abahuzamugambi	- Gushayaya - Kubyina	KAYITESI	Kuwa 5	14h00	Rukoma II
Shyamba	Abashirarungu	- Intore - Kubyina	NIYITEGEKA	Kuwa 6	15h00	Gisunzu

Komini : KIGARAMA

Segiteri	Izina ry'itorero	Icyo Bakora	Umu-yobozi	Umunsi	Igihe	Serire
Remera	Abahozampfubyi	-Gushayaya	GASIGAZI G.	Kuwa 2 Kuwa 6	15h00	Gatara
Rubona	Inyange	- Gushayaya - Umuhamirizo	NDUWUMWAMI J.M.V.	Kuwa 6	15h00	Cyami gina
Yumwe	Abajyamugambi	Intore	NSENGIYUMVA André	Kuwa 3	15h30'	Musya
Gashanda	Abahizi	Gushayaya	MWISENEZA	Kuwa 6	15h30'	Rwanyami gono
Kabare I	Ababyeyi	Gushayaya	MUKANKUSI E.	Kuwa 4	15h30'	Nyamagana
Gasetza	Abanyamurava	Gushayaya	MUTEESI Félicité	Kuwa 3 Kuwa 6	15h30'	NKENKE

Andi ma Komini ntabwo yerekanye uko amatorero yabo ameze. Ariko Komini zose zifite amatorero azihagararira mu marushanwa mu rwego rwa Perefegitura, ayo ma Komini atagaragaje imiterere y'amatorero yayo ni : BIRENGA, KAYONZA, RUKIRA, MUHAZI, RUTONDE, SAKI.

IGICE CYA KABIRI.

1. IMIKINO RUSANGI:

a) UMUPIRA W'AMAGURU:

MU RWEGO RWA PEREFEGITURA.

Perefegitura ifite amakipe atatu yari mu kiciro cya kabiri(2è divis^o):
ETOILE DE L'EST, KIREHE F.C na RWAMAGANA F.C.

Ayo makipe yose nta nimwe yashoboye kwinjira mu kiciro cya mbere cy'Ishyirahamwe ry'umupira w'Amaguru mu Rwanda. Etoile de l'Est yashoboye kugera muri $\frac{1}{2}$ kirangiza ikurwamo na SIMBA Y'i CYANGUGU. Ni ubwa kabiri Etoile de l'Est igarukira muri $\frac{1}{2}$.

Etoile de l'Est ni nayo kipe ya Perefegitura, ariko ni nayo ifite ibibazo ndetse bikaba ari nabyo bituma itazamuka, kandi ifite abakinnyi beza.

Ahanini ibibazo byayo bikaba bishingiye kutagira Ubuyobozi buyitaho. Ubuyobozi bwa Perefegitura kutayikurikirana.

Hakenewe rero ko Perefegitura yita kuri iyo kipe kugirango isubire mu kiciro cya mbere. Ni ngombwa kandi ko n'ubuyobozi bwayo buvugururwa kuko ahanini ari bwo bwatumye idatera imbere.

Kubera Perefegitura itagira STADE, bituma umupira w'amaguru udashobora gutera imbere kuko ikibuga kimwe kuri Perefegitura usanga gikenerwa n'abantu benshi.

Taliki ya 22/11/1997, habaye imikino ya gicuti yahuje amakipe atatu yavuye i muyinga. Yahuje n'andi atatu ya KIBUNGO.

Mu mupira w'amaguru ikipe y'i Muyinga yatsinze Etoile de l'Est 2-1.
-Mu mukino wari wabereye i Muyinga Etoile de l'Est niyo yari yatsinze Muyinga 3-2.

- Mu mupira w'Intoki V.B, Foudre ya Kibungo yatsinze Set 3.0.

- Muri B.B, Muyinga yatsinze Kibungo 122-28.

MU RWEGO RW'AMAKOMINI.

Kubera ibibazo byo kubura imipira, twakanguriye Urubyiruko rwo muri za segiteri ko rukwiye kwishakira imipira kuko Ministeri idashobora kubona imipira ya kohereza muri za segiteri zose z'U Rwanda.

Mu makomini yose mbere yuko shampiyona ihuza amakomini itangira mu kwezi kw'icyenda, segiteri hafi ya zose zari zatangiye amarushanwa.

Shampiyona y'amakomini yatangiye muntango z'ukwezi kwa Nzeri ikaba yarigizwe n'amastinda 3.

ISTINDA RYA MBERE: RUTONDE-MUHAZI-MUGESERA-SAKE

ITSINDA RYA KABIRI: BIRENGA- RUKIRA- RUSUMO- NYARUBUYE.

ITSINDA RYA GATATU: KAYONZA- KABARONDO- KIGARAMA.

Ikigaragara muri ayo marushanwa ni uko Urubyiruko ruyitabira cyane ariko ubuyobozi bw'amakomini bumwe amwe bukaba butabyitaho ndetse hamwe na hamwe bakanga kujya gukina. Ibyo rero bituma Urubyiruko rudakora kuburyo rushobora no gusuzugurwa abayobozi mu gihe bumva ko muyandi -----

makomini bakina.

Hanateguwe Tournoi yahuzaga amakipe ane, "ABAKOZI-JANDARMERIE-ABACURUZI na NDAMIRA F.C." Iyo tournoi ya Football yarigeze mu gice cya ~~kawiri~~ $\frac{1}{2}$ final, ntabwo yashoboye kurangira kubera ibibazo byavutse.

Hateganijwe ko izasubukurwa mu mpera z'ukwezi kwa mbere. Mbere yuko iyo tournoi itangira buri kipe yatanze amafaranga ibihumbi mirongo itatu (30.000 Frw). Muri final hateganijwe gutanga igikombe.

MU RWEGO RW'AMASHURI.

Shampiyona y'Umupira w'amaguru yarabaye, irangira ikigo cya E.T.O Kibungo gisubiriye gutwara igikombe ubugira kabiri.

E.T.O Yagombaga guhura n'andi mashuri mu rwego rw'igihugu kugirango bakinire igikombe cy'amashuri. Ntabwo rero ariko byagenze kuko ikigo cya ECONOMIQUE RWAMAGANA cyaje kubyutsa ibibazo, nticyemerera ko E.T.O yabatsinze. Ariko komite ishinzwe gutegura imikino y'amashuri yasanze ntampamvu zigaragara ECONOMIQUE yatanze, inemeza ko E.T.O ariyo yaserukira Perefegitura mu rwego rw'amashuri mu mupira w'amaguru.

Igihe E.T.O yajyaga gukina i KIGALI na ECONOMIQUE yaragiye, ndetse umupira ntiwashoboye kubaho kuko amakipe yombi yinjiye mu kibuga. Abari bashinzwe gukemura ibibazo ari nabo babiteye, ubwo ndavuga Ubuyobozi bw'ikigo cya Economique n'ushinzwe imikino muri MINEDUC bese barabihunze.

Shampiyona y'amashuri yaje gukomeza nyuma nta kipe y'ishuri rya Kibungo irimwo.

Niba rero inzego z'ubuyobozi zitubahirijwe, cyangwe se ngo zigishwe inama, ibibazo nkibyabizahoraho.

Ntibinumvikana ukuntu umukozi wa MINEDUC yiha gukemura ibibazo by'amakipe y'amashuri kandi muri Perefegitura hari ubuyobozi bubishinzwe, agafata ibyemezo uko abishatse.

Kuba Kibungo itaraserukiwe mu rwego rw'amashuri mu gikombe k'igihugu, byose tubishyira k'umukozi wa MINEDUC wavanze ibibazo kandi bitamureba.

b) UMUPIRA W'INTOKI.

b.1. VOLLEY BALL.

Volley ball mu rwego rw'amakomini ntabwo yitabiriwe, usanga naho iri aho komini yubutse. Mu makomini : SAKE-KIGARAMA-KABARONDO-RUSUMO niyo yari yamaze gushyiraho amakipe yitoza, ariko ntabwo arashobora guhura komini ku yindi. Kandi ni ukubura Filet n'imipira kuko imipira ya Volley ball ihenze cyane.

... / ...

b. 2. BASKET BALL.

Uretse kubigo by'amashuri, uwo mukino ntarubyiruko rwo mu cyaro ruwuzi.

b.3. HAND BALL.

Hand ball ni umukino wari uteye imbere muri Kibungo mbere y'Intamba mu makomini ya MUGESERA na RUSUMO.

Kugeza uno munsi, komini MUGESERA niyo yonyine Urubyiruko rwaho rwashoboye gusubira gukina uwo mukino mu masigiteri : SHWA-KAGASHI-KIBARE- KIZIHIRA I, ~~ARIXO~~ ariko nabo ubu barahagaze kubera kubura imipira.

b. 4. IMIKINO Y'INTOKI MU MASHURI.

Muri rusangi, iyo mikino yarabaye igera no mu gice cyanyuma mu rwego rwa Perefegitura, Economique niyo yashoboye gusohoka mu rwego rw'igihugu abahungu n'abakobwa, ariko ntiyashoboye gutwara igikombe.

b. 5. MU MIKINO NGORORANGONGO Y'ABANYESHURI.

Kibungo yari yayiteguye mu rwego rwa Perefegitura, E.T.O Kibungo niyo yabaye iyambere muri discipline hafi ya zose.

Muri final i Kigali, iryo shuri ntacyo ryagezeho kuko nta mudari ryabonye, ariko ikipe ya ASPEK yirutse 400 mX4 yabaye iyambere, ibona imidari 4.

b. 6. IMIKINO Y'ABANA BATO.

Mu mashuri y'abana bato, muri Perefegitura yarabaye mu kwezi kwa gatatu. Hari abana benshi bakoze imikino inyuranye: Acrobatie, imikino y'ibiyiko, kugendera mu mufuka, kwiruka: 400,800;1.500m.

Iyo mikino yateguraga indi mikino yabereye i Kigali, yari yateguye na TURERERE U RWANDA.

Abana baserukiye Kibungo bashoboye kubona imidari 2 muri metero 800m, umukobwa n'umuhungu.

Mu mupira w'amaguru Kibungo yatsindiye muri 1/2 final na NYAMATA.

Shampiyona y'umupira w'amaguru y'abana nayo yarabaye ikaba yari-rimwo amakipe 11 yo mu mugwi wa Kibungo na sigiteri ziyikikije.

ntabwo imikino yarangiye kubera ko nubu tutarashobora kubona imipira, iyari ihari ikaba yari yashaje, aho twasabaga naho idahari.

SHAMPIYONA Y'ABANA BATO " 97-98 ".

ITSINDA RYA MBERE:

1. KARENGE F.C
2. GAHIMA F.C
3. MUSAMVU F.C
4. KABARE I
5. CYASEMAKAMBA F.C

ITSINDA RYA KABIRI:

1. VUNDIKA
2. NGOMA F.C
3. KINYONZO F.C
4. CENTRE- VILLE
5. NZOVU F.C
6. REBEZO

... / ...

A. ITSINDA RYA MBERE.

TALIKI	ISAHA	AMAKIPE	IKIBUGA	IBITEGO
Le 05.10.1997:	8H00'	:KARENGE -CYASEMAKAMBA	:Paruwasi	:
	:10H00'	: MUSAMVU - KABARE I	: "	:
Le 12.10.1997:	9H00'	: KARENGE - GAHIMA	: Gahima	:
	:10H00'	: MUSAMVU - CYASEMAKAMBA	:Paruwasi	:
Le 19.10.1997:	8H00'	: KABARE I - KARENKA	: "	:
	:10H00'	: CYASEMAKAMBA - GAHIMA	: "	:
Le 26.10.1997:	9H00'	: MUSAMVU - GAHIMA	: Gahima	:
	:10H00'	: KABARE I - CYASEMAKAMBA	: Paruwasi	:
Le 02.11.1997:	9H00'	: KARENGE - MUSAMVU	: Musamvu	:
	:10H00'	: KABARE I - GAHIMA	: Paruwasi	:

B. ITSINDA RYA KABIRI.

TALIKI	ISAHA	AMAKIPE	IKIBUGA	IBITEGO
Le 09.11.1997:	9H00'	: VUNDIKA - NGOMA	: ASPEK	:
	: 9H00'	: KINYONZO - CENTRE-VILLE	: Paruwasi	:
Le 16.11.1997:	9H00'	: VUNDIKA - NZOVU F.C	: Remera	:
	: 9H00'	: NGOMA - CENTRE - VILLE	: Paruwasi	:
Le 23.11.1997:	9H00'	: KINYONZO - NZOVU F.C	: "	:
	:10H00'	: VUNDIKA - CENTRE - VILLE	: "	:
Le 31.11.1997:	9H00'	: NGOMA - KINYONZO	: ASPEK	:
	: 9H00'	: CENTRE - VILLE - NZOVU F.C	: Remera	:
Le 07.12.1997	9H00'	: VUNDIKA - KINYONZO	: Paruwasi	:
	:10H00'	: NGOMA - NZOVU F.C	: "	:
Le 14.12.1997:	10H00'	: VUNDIKA - REBEZO	: Rebezo	:
Le 21.12.1997:	10H00'	: NGOMA - REBEZO	: ASPEK	:
Le 28.12.1997:	10H00'	: KINYONZO - REBEZO	: Paruwasi	:
Le 03.01.1998:	10H00'	: CENTRE-VILLE - REBEZO	: Rebezo	:
Le 10.01.1998:	10H00'	: NZOVU F.C - REBEZO	: Paruwasi	:

Kubijyanye n'abana bato, ntabundi buryo bwo kubahuza utababoneye ibikoreshe byabafasha kugirango bahurire hamwe.

Twari twakusanyije imikino itandukanye, bakajya bahurira kukibuga bakayikora ugasanga abana barushijeho gusabana no kutaba ibyomanzi. Ni no muriyo mikino munaganirira, bakigishwa gukora uturimo tw'imuhira, ukaba-hwiturira no kwiga.

Muri iyo mikino twashoboye kubahurizamo hari:

- Kwiruka metero 400, 800, 1.500m.
- GUSIGANWA & bari mu mifuka
- Gusiganwa bari hejuru y'ingunguru
- Kurya imbombo iri kumugenzi umwana apfutse amaso
- Gusiganwa ikiyiko kiri mu kanwa kiriho bombo
- Gushakana mu makipe mupfutse amaso
- Gusiganwa muri ku hiti hibiri bimeze nk'imbuga

- Accrobatie.

Ibibazo bihari, abo bana bato barabyitabira cyane abahungu n'abakobwa, ariko hakabura abantu babakurikirana. Ikindi ni uko hari n'ababyeyi babangamira cyane abana b'abakobwa.

Muri iyi mikino yose, umupira w'amaguru niwo abana bose bakunda, ingorane ariko ni uburye bwo kubabonera imipira yo gukina.

C. IMIKINO Y'UMUNTU KU GITI CYE.

ISIGANWA KU MAGARE.

Nkuko bihora bigenda, buri mwaka habagaho isiganwa ry'amagare ryahuzaga amakomini yose ndetse n'abaturuka mu yandi ma Perefegitura.

Uyu mwaka iryo siganwa ntiriyabaye kubera ibikorwa Ministeri yari ifite byo guhugura Abanyarwanda bahungutse, bikaba byararebaga abakozi ~~xxx~~ bayo bose bo muri za Perefegitura.

Muri gahunda, hari hateganijwe no kugira amarushanwa yo koga, ~~x~~ ku makomini aturiye ibiyaga. ~~Ayo amarushanwa akabaye~~

Ayo amarushanwa akaba yari kubera ku biyaga byo MUHAZI na MUGESERA, ariko nabyo ntibyashobotse.

d; IMYIDAGADURO.

Mu ntangiriro y'umwaka, amatorero yagize amarushanwa k'ubumwe n'Ubwiyunge, Itorero GARUKUREBE riba irya mbere.

Kubera ko ryagombaga guhura n'andi amatorero, ryarihrereye mu kigo cy'Abasukuti i Rwamagana, hari mu kwezi kwa ~~x~~ kabiri.

Kuva taliki ya 05.03.1997 iryo torero ryongeye gufashwa ryiherera muri IGA ya Kabarondo ryitegurira amarushanwa yari guhuza P.V.K-KIBUNGO-MUTARA-KIGALI NGALI.

Ayo amarushanwa yarabaye, muri iryo tsinda GARUKUREBE yari yaserukiye KIBUNGO iba irya mbere, gurtyo iba ibonye umwanya wo kuzajya mu amarushanwa mu rwego rw'iguhugu.

Mu kwezi kwa Mata/97, niho ayo amarushanwa yabaga ahuje amatorero: INDAHEMUKA- URUKEREREZA- URUGANGAZA- GARUKUREBE- RUBAVU n'itorero rya GITARAMA. Itorero GARUKUREBE ryabaye irya kane (4è) nyuma y'INDAHEMUKA- URUKEREREZA na RUBAVU.

Mu rwego rw'amaperefegitura, Kibungo yabaye iyakabiri (2è) nyuma ya RUBAVU ya Perefegitura GISENYI.

Itorero GARUKUREBE rikaba ryarabonye igihembo cy'amafaranga (200.000 Frw). Iryo torero ryashoboye no gutegura ibitaramo bibiri byo kurangiza umwaka 1997, kimwe kibera muri RUTONDE ikindi kibera kuri Perefegitura.

... / ...

Taliki ya 10.08.1997, hateguwe igiyaramo muri Perefegitura cyo kwizihiza UMUCO W'AMAHORO.

Amatorero yaje muri icyo gitaramo ni: Economique RWAMAGANA, BIRENGA, NYARUBUYE, ABATONI B'UMWAMI ba RUTONDE, KAYONZA, RUSUMO, MUHAZI, RUKIRA, KIGARAMA, KABARONDO.

Icyo gitaramo cyabaye neza cyane kuko amatorero yose yagerageje kubahiriza ingingo nkuru yari yahawe.

Itorero rya MUSAMVU ryerekanye umuvugo mwiza w'abana, Komini NYARUBUYE yerekenye umukino mwiza k'Ubwiyunge.

Dore uko amakomini yarushanijwe:

ITORERO	:	AMANOTA/50	:	IGIHEMBO
1. Ec. RWAMAGANA	:	38/50	:	75.000 Frw
2. Komini BIRENGA	:	35/50	:	65.000 Frw
3. ABATONI (RUTONDE)	:	34	:	55.000 Frw
3. NYARUBUYE	:	34	:	55.000 Frw
4. ABATONI (RUTONDE	:	32	:	45.000 Frw
5. Komini KAYONZA	:	31.	:	35.000 Frw
6. " RUSUMO	:	30	:	20.000 Frw
7. " MUHAZI	:	30	:	20.000 Frw
8. " KABARONDO	:	30	:	20.000 Frw
9. " KIGARAMA	:	30	:	20.000 Frw
10. " SAKE	:	25	:	20.000 Frw
11./ " RUKIRA	:	26	:	20.000 Frw

Komini MUGESERA ntabwo yitabye iryo rushanwa, ariko hari abantu babiri baririmbye nabo bahwe amafaranga 5.000 Frw.

IMITERERE Y'ABAKOZI.

AMAZINA	:	UMURIMO	:	IGIHE YATANGIRIYE:	AMASHURI YIZE
:	:	:	:	AKAZI	:
1. BAGOROZI C.	:	Umuyobozi w'Urubyiruko:	:	1986	:: A2
2. NZABONIMANA F.	:	" " wungirije :	:	1976	: Humanité
3. U.BERAHINO CH;	:	Dactylographe+ C. :	:	1995	: 4 Yisumbuye
4. NUMVIYUMUKIZA:	:	Encadr. Kabarondo :	:	1995	: A3
5. KAREMERA G.:	:	" KAYONZA :	:	1994	: 2 Yisumbuye
6. GATO G.W :	:	" RUTONDE :	:	1995	: 1 RYisumbuye
7. MUYOMBANO L:	:	" MUGESERA :	:	1995	: 4 Yisumbuye
8. NGARAMBE V.:	:	" MUHAZI :	:	1995	: 6 Yisumbuye
9. MUKANDANGA O:	:	" RUKIRA :	:	1996	: Normal Primaire
10. NDAHIMANA V:	:	" RUSUMO :	:	*1997	: 5 Yisumbuye
11. KAYISANABO E/	:	" NYARUBUYE :	:	1997	: 2 Yisumbuye
12. UWAMUNGU ROSE:	:	" BIRENGA :	:	1997	: 4 Yisumbuye

... / ...

ABANA BATAGIRA KIVURIRA.

KOMINI	IMPHUBI ZIRI MU MITYANGO : YAZAKIRIYE	ABANA BATUNZE INGO : Chef de meneges)	IMPHUBI MU BIGO	ABANA DEMO--: MAYIBOBO; INDIGENTI; IBIMUGA BILISE				
1. BIRENGA	1.856	30 Familles	House of Joy:-267	48	50	582	98	
2. KIGARAMA	5.475	20 Familles	-	6	-	460	75	
3. KIGARAMA	5.475	20 Familles	-	10	15	1.374	150	
4. KABARONDO	1.250	15 Familles	-	5	17	1.452	452	
5. KAYONZA	850	13 Familles	Fred RWIGEMA 128	11	75	326	165	
6. RUTONDE	1.365	18 Familles	-	7	-	511	180	
7. MUHAZI	3.350	14 Familles	-	15	-	375	152	
8. MUGESERA	2.302	24 Familles	-	4	-	750	260	
9. NYARUBUYE	650	15 Familles	-	4	-	1.160	265	
10. RUSUMO	1.361	15 Familles	-	12	-	833	175	
11. RUKIRA	1.773	47 Familles	-	8	-	350	153	
11. SAKE	1.037	28 "	-					

N.B: Iyi mibare irahinduka kuko hari hamwe na hamwe muri za Segiteri, Serire iyo mibare yahindutse kubera abantu bahimukira, cyangwe se bakenyaga.

Tikindi n'uko n'uburyo bwo kubona iyo mibare bushobora kugira n'amakosa.

Kubereye za Mayibobo, hari aho tudafite imibare, kandi bahari, aho ni RUSUMO, RUKIRA, kuko banga kwegera Ubuyobozi iyo bubashaka.

... / ...

III. IMIRYANGO ITAGENGWA NA LETA.

I. RED BARNET.

Umuryango wa RED BARNET ukorera muri komini esheshatu (6) BIRENGA, SAKE, MUGESERA, RUSUMO, NYARUBUYE. Muri ayo ma komini uwo muryango wafashije urubiruko mu kubigisha imyuga: KUDODA, KUBAZA, GUKORA AMAGARE, GUSHUSHANYA KU MYENDA no KUBAKA. Komini RUKIRA ntagikorwa kirahakorerwa, ariko uwo muryango umaze gutangira gukora.

Igishushanyo mbonera cyuko uwo muryango wakoze kuva 1997 muri MUTARAMA kugeza MUTARAMA 1998.

AMASHURI Y'IMYUGA.

KOMINI	IGIKORWA	SEGITERI	UMUBARE	ABAHUNGU	ABAKOBWA	ABARA-	IGIHE
						NGIJE	BAMA-
							RA.
BIRENGA	UBUDOZI	Kibungo, Kibimba, Gashongora, Bare, Gahara, Ndamira, Gahurire.	63	3	60	53	Amezi 6
	UBUBAJI	Kibungo, Bare, Gashongora, KIBAYA, Gahurire, Kibimba, Gahara, Ndamira.	63	63	-	41	Amezi 6
	GUKORA AMAGARE.	Gahara, Kibimba, Kibaya, Mutenderi	31	31	-	15	Amezi 3
	GUSHUSHANYA	Kibungo	6	5	1	6	Amezi 6
SAKE	UBUDOZI	Ngoma, Gituza, Ruyema, Rubago, Mabuga, Nshili, Mbuye, Rukumberi, Murwa, Mabuga II	89	8	81	bara, ki ga	Amezi 6
	UBUBAJI	Ngoma, Ruyema, Nshili.	26	26	-	"	Amezi 6
	GUKORA AMAGARE.	Gituza, Rubago, Mabuga I & II, Murwa, Mbuye.	34	34	-	26	Amezi 3
	GUSHUSHANYA	Nyakarambi.	8	4	4	bara, ki ga	Amezi 6
RUSUMO	UBUDOZI	Ntibaratanzira.					
	UBUBAJI	Kigarama, Musa- ZA.	13	13	-	Bara, ki ga	Amezi 6
	GUKORA AMAGARE.	Gatore, Nyaka- rambi.	15	15	-	15	Amezi 3
	GUSHUSHANYA	Nyakarambi.	8	4	4	bara, ki ga	Amezi 6
NYARUBUYE	UBUDOZI	Kankobwa, Gisenyi, Nyabitare.	21	1	20	"	Amezi 6
	UBUBAJI	Kankobwa, Nya- bitare, Gisenyi	21	21	-	"	Amezi 6
	GUKORA AMAGARE.	Nyarubuye.	7	7	-	7	Amezi 3
	KUBAZA	Nyabitare, Kankobwa, Gisenyi, Nyarubuye.	40	40	-	bara, ki ga	Amezi 8

KOMINI	IGIKORWA	SEGITERI	UMUBARE	ABAHUNGU	ABAKOBWA	ABARANGIJE	IGIHE
							BAMARA
MUGESERA	UBUDOZI	Kibirizi, Kibare.	22	4	18	Barakiga	Amezi 6
	GUKORA AMAGARE.	Kibare	8	8	-	"	Amezi
	UBUBAJI	Ntibarata- ngira.					
RUKIRA	Iyo komini uwo muryango uzayikoreramwo kuko wamaze kugira contacts.						
Bose hamwe			467	283	184	164	

Abana bese barangije, umwe wese ahabwa ibikoresho by'ibanze bizamufasha gukora; ibyo bikoresho bitangwa muri buri byigwa babonye, umwe wese akabibona hakurikijwe ibyo yashoboye kwiga.

Iyo bagiye kurangiza habaho amahugurwa ajyanye no gukorera mu mashyirahamwe, kugira ngo bizabafashe gukorera hamwe no kubona imfashanyo bitabagoye.

Abemeye gukorera murayo mashyirahamwe, uretse ibikoresho umwe wese ahabwa kugiti cye, hari n'ibikoresho bahabwa by'ishyirahamwe.

Abamaze guhabwa ibyo bikoresho banasobanuriwe ko baramutse bananiwe gukorera mu ishyirahamwe, ibikoresho byari bigenewe ishyirahamwe bizahabwa urundi rubyiruko rwifuza kwifatanya. Abakonseye basabwe ko icyo gukorwa bacyitabira kugirango bafashe urwo rubyiruko gukora no kubona icyarufasha.

Nta mashuri agaragara abana bigiramo, usanga muri za segiteri konseye atanga inzu, noneho hagashe umubare muto w'abiga bagahabwa umwarimu n'ibikoresho, bagatangira bakiga.

Indi miryango nka F.H.I (Food for the Hungry), OXFAM, L.W.F ntabwo ibikorwa byabo mu rubyiruko bigaragara, uretse ko hari abakorana n'imfubyi (F H I) na SAVE the Children.

IBIBAZO:

Hari ibibazo byinshi bituma gahunda yagenewe urubyiruko itagerwaho.

1. Nta manama aduhuzwa na Ministeri yacu abaho.
2. Abayobozi b'urubyiruko kuri Komini ntabwo ari abakozi bwite ba MIJESCAFOP.
3. Inzego z'amakomini ntabwo zitaho urubyiruko muri gahunda yazo.
4. Kuba n'abahagarariye urwo rubyiruko nta buryo bafite bwo kugera kurubyiruko.
5. Mu rwego rwa Perefegitura, uburyo ntabwo, hari ipikipiki nayo iyo ipfuye ni ukwirwariza kandi uburyo dufite ari ntabwo.
 - Kutabonera igihe ibidufasha mu kazi: ibikoresho bya biro, essence.
 - Kudasurwa n'abayobozi bacu ngo batwungure ibitekerezo mu kazi.
 - Kutabona amahugurwa.
 - Kutagirana amanama kenshi n'ubuyobozi.

IBYIFUZO:

- Kubaho amanama menshi ahuza inzego zose zo MIJESCAFOP n'abayi-hagarariye muri perefegitura.
- Gushyiraho gahunda ihoraho y'amanama.
- Kugendererwa na za Direction kugirango twungurane ibitekerezo mu kazi.
- Gushakira uburyo za perefegitura kugira ngo akazi mu makomini n'ahandi hose hakenewe akazi.
- Gushaka uko abahagarariye urubyiruko muri za komini baba abakozi bwite ba MIJESCAFOP.
- Gukorana n'izindi nzego za leta kugirango zite ku bibazo by'urubyiruko, cyane cyane urwego rwa komini.
- Gutegura amahugurwa buri gihembwe muri za direction zose.

IV. UMWANZURO.

Muri rusange imirimo yari gushobora kugenda neza kurusha ariko habaye indi yatumye gahunda twari twihaye itarangira. Navuga cyane itahuka ry'impunzi, INGANDO zabaye: Iya TURERE URWANDA, iy'Abakozi n'Iy'Urubyiruko. Izo ngando zose zatumaga ibikorwa bimwe bihagarikwa kugirango zigende neza.

Hari n'indi mirimo mu rwego rwa perefegitura yadusabaga ko tuyitabira dufasha mu mahugurwa y'inzego zibanze; gutegura imurika gurisha n'ibindi.

Muri uno mwaka 1998, gahunda ikurikira tuzagerageza kuyishyira mu bikorwa:

1. MU RUBYIRUKO

- a. Guhugura abayobozi b'urubyiruko mu rwego rwa komini.
- b. Guhugura abayobozi b'urubyiruko muri za segiteri.
- c. Gutegura inama y'urubyiruko mu rwego rwa perefegitura.
- d. Gukomeza inzego z'urubyiruko no kuzishinga aho zitarashingwa.
- e. Gukomeza ibarura ry'urubyiruko n'abana batagira kivurira, ndetse na ba Mayibobo.

2. MU MIKINO

- a. Gukomeza shampiyona ya football
- b. Gukoresha amarushanwa yo koga.
- c. Gukoresha imikino ngorora ngingo.
- d. Isiganwa ry'amagare.
- e. Gukomeza ikipe ya perefegitura (Etoile de l'Est)

3. IMYIDAGADURO.

- a. Gutegura amarushanwa y'amatorero y'amakomini.
- b. Gukomeza no gushinga amatorero muri za segiteri.
- c. Gukora ibarura ry'abahanzi bari muri perefegitura.
- d. Gushinga itorero ry'ikinamico mu rwego rwa perefegitura.

4. AMASHYIRAHAMWE.

- a. Gukomeza no gushyigikira amashyirahamwe y'urubyiruko akora.
- b. Gushinga amashyirahamwe y'urubyiruko ntangarugero.
- c. Gutegura amahugurwa y'amashyirahamwe.

MU RWEGO RWA PEREFEGITURA.

Mu rwego rwo gukomeza imikoraniye myiza na za komini, buri gihembwe hakoze inama ihuza abayobozi bose b'urubyiruko kugira ngo bungurane ibitekerezo ku mikorere.

Uretse amanama n'abahagarariye urubyiruko mu makomini, twagiranye n'inama n'abanyeshuri bahagarariye abandi bari barangije ingando. Iyo nama yabaye tariki 23.07.1997.

Mu masegiteri amwe yarafite ibibazo yagiye asurwa. Tariki 8.07.1997 hasuwe urubyiruko rwa segiteri BARE muri komini BIRENGA; Ama serire Karenga, Mutenderi, Kaguruka, na Muzingira akaba ariyo yitabye inama. bese hamwe bageraga ku ijana (100). Serire Rurenge nta numwe waje.

Tariki 28.08.1997 segiteri KIBARA ya komini Birenga nayo yarasuwe. Hakaba haraje urubyiruko 108 yaturutse muri serire: Nyamirindi, Nyagasozi na Nyamugari.

Ayo masegiteri abiri muri BIRENGA yasaga naho yananiranye mu rwego rw'urubyiruko kuko ntabwo rwitabaga amanama. Ayo manama kwari uburyo bwo kubakangurira :

- akamaro k'inama
- ugushinga ubuyobozi,
- kujya mu mashyirahamwe
- uruhare rw'urubyiruko mu mutekano,
- gufasha abatishoboye,
- gutura mu MIDUGUDU.
- gusangira n'abandi ibyo dufite.

Urubyiruko rwashimye inama twagiranye banifuza ko ayo manama yahoraho ariko ko n'abayobozi bakorana batabitaho, arinayo mpamvu urubyiruko rwinshi rusa naho rwananiranye.

- Urubyiruko mu MIDUGUDU wa Matongo rwarasuwe.
- Mu bikorwa by'inga-ndo, ubuyobozi bw'urubyiruko bwafashije gutegura no kuyobora INGANDO zose zabereye i KIBUNGO.

MU MIKINO.

Mu rwego rw'imikino, ubuyobozi bw'urubyiruko bwateguye:

1. Shampiyona y'umupira w'amaguru muri za komini zose ikaba yarashojwe tariki 22.02.1998 hagati ya komini BIRENGA na KAYONZA.

Ni ubugira gatatu izo komini zombi zihataniye igikombe cya prefegitura ku mukino wanyuma. Inshuro ebyiri zikurikirana ni BIRENGA yagitwaye.

2. Ubuyobozi bw'urubyiruko bwanakurikiranye cyane ikipi ya prefegitura ETOILE DE L'EST kuko isa nkaho ntabuyobozi yarifite kandi nta rundi rwego rwayitagaho.

Ubuyobozi bw'urubyiruko bwagerageje uko bushoboye ikipe ikora amarushanwa yose kugeza n'ubwo itsindira kujya mu kiciro cya mbere (1ère division).

3. Ubuyobozi bw'urubyiruko bwanateguye tournoi ya football yahuje Abakozi-Abacuruzi-Gendarumeri-Ndamira F.C.

4. Ubuyobozi bw'urubyiruko bwanafashije gutegura no kuyobora imikino mu mashuri makuru.

5. Hateguwe n'amarushanwa y'abana bato ariko ntiyashobora kurangira kubera kubura imipira.

IMYIDAGADURO:

1. Amarushanwa y'amatorero ahuza amakomini yarabaye.
2. Itorerero GARUKUREBE ryateguwe rinashakirwa uburyo kugirango rishobore kujya mu amarushanwa y'igihugu, ryariherereye igihe k'ibyumweru bibiri.
3. Hanateguwe n'igitaramo cyo kwizihiza UMUCO W'AMAHORO cyabaye tariki 10.08.1997.
4. Ubuyobozi bw'urubyiruko bufataniye na MIJEFASO hateguwe amarushanwa y'amatorero y'abari n'abategarugori.

IBINDI.

1. Ubuyobozi bw'urubyiruko bwafashije prefegitura mu mahugurwa y'inzego z'ibanze.
2. Guhugura urubyiruko muri mu miryango (scout, xaveri, Ive, Guide....)
3. Ubuyobozi bw'urubyiruko bwanafashije mu itegura n'imurikagurisha ry'ibikorwa by'ubukorikori ryabaye kuwa kuwa 12-14/12/1997.

REPUBLIKA Y'U RWANDA
PREFEGITURA RUHENGURI
UBUYOBOZI B'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE.

Ruhengeri, kuwa 20/3/1998
N° 6./15/ENCAPREJEUSCAPOP/RH/98

IMPAMVU:
Gutanga raporo
y'umwaka 1997.

A traiter par	
Date entrée	14/4/98
N° Classement	92/198

*Involement
pour exploitation et
surveys à chaque directeur
de meirage par le concerné.*
27 24.04.98

Bwana Ministri w'Urubyiruko, Siporo, Umuce no
Kwigisha Imyuga Iciriritse KIGALI.

Binyujijwe kuri Bwana Perefefe wa Perefegitura
RUHENGURI.

Bwana Ministri,



Hamwe n'iyi baruwa nejejwe no kubagezaho raporo
y'umwaka w'1997 mu buyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuce no Kwigisha Imyuga
Iciriritse muri Perefegitura RUHENGURI.

Iyi raporo irerekana ibyashoboye gukorwa ku ngi-
ngo zinyuranye mu mirimo dushinzwe ku bireba ibi bikurikira :

- Urubyiruko (Volet Jeunesse)
- Siporo (Volet Sport)
- Umuce (Volet culture et Arts)
- Kwigisha Imyuga Iciriritse (Volet Formation Professionnelle).

Kubera impamvu z'umutekano muke wari mu karere
ka RUHENGURI mu mwaka w'1997 hari byinshi bitashoboye kugerwaho.

Turizera ko ibitarashobotse bizakorwa kubera ubu-
fatanye n'abayobozi bacu hamwe kandi n'abakuru b'imirimo duhuriye ku mirimo
ijyanye n'Imibereho/Myiza/Abaturage muri rusange n'iy'urubyiruko by'umwihariko.

Tunabagejejeho ikibazo cy'uko b'Ankadereri ba za
Komini bava mu kazi bifatiye ko umushahara utangwa na Komini utaza kimwe n'uwa
Leta n'icyifuzo ko bashyirwa mu bakozi ba Leta.

Tubashimiye, Bwana Ministri, umutima mwiza mwaki-
rana iyi raporo n'uburye muzadukemurira ibibazo bikubiyemo.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuce no
Kwigisha Imyuga Iciriritse,
FURERE Zacharie.



[Handwritten signature]
0.6

INTERURO

Umwaka w'1997, ubuyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse mu RUHENGARI bwatangiye bufite imbaraga n'icyizere cyo kurangiza inshingano busabwa. Ibyo bigaturuka ku burye bwari bufite babakozi bahagiye mu biro ku rwego rwa Perefegitura hamwe na ba Ankadereri ba za Komini bashoboye kandi bafite ubushake.

Kubera ko no muri za Komini hari hamaze guhugurwa urubyiruko 230 ku burere mboneragihugu. Bikaba byari bikubitiyeho ko n'abanyarwanda bari barahunze muri 1994 bari bamaze gutahuka. Kuhera umutekane muke waranze aka karere mur'uyu mwaka w'1997 imirimo yagombaga gukorerwa yahuye n'inzitizi zikomeye kuko ubugizi bwa nabi bw'ubwicanyi buta-size urubyiruko kenshi ruzira ko rumaze kunyurwa n'inyigisho nzima rwahawe zijyanye na gahunda ya Guverinema y'Ubumwe cyane cyane ku birebana n'urubyiruko.

Raporo rero irerekana ibyashoboye gukorerwa mu mwaka w'1997 cyane cyane mu gihe umutekane wari utarahubangana bikabije, ingorane zahabaye hamwe n'ibyifuzo bigamiye kwubaka.

I. ABAKOZI

I.1. KU RWEGO RWA PEREFEGITURA

- | | |
|--|----------------------|
| 1. Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco ne Kwigisha Imyuga Iciriritse | : FURERE Zacharie |
| 2. Umuyobozi wungirije | : MUNGARURIYE Fidele |
| 3. Umunyamabanga n'umwanditsi | : UGIRASE Zaehia |

I.2. KU RWEGO RWA KOMINI

- | | |
|---------------|------------------------|
| 1. KOMINI | : ANKADERERI |
| 1. BUTARO | : NIYONZIMA Polycarpe |
| 2. CYABINGO | : KALIBU MUGANZA |
| 3. CYERU | : RUGERUZA Julien |
| 4. GATONDE | : - |
| 5. KIDAHU | : KARUHLJE Charles |
| 6. KIGOMBE | : NKUNDABAKURA Javan |
| 7. KINIGI | : - |
| 8. MUKINGO | : KAREKEZI Baltazar |
| 9. NDUSU | : NDUHUYE Nicolas |
| 10. NKUMBA | : - |
| 12. NYAKINAMA | : NDUWAYEZU Prisyvain |
| 13. NYAMUGALI | : - |
| 14. NYAMUTERA | : - |
| 15. NYARUTOVU | : MUSONI Desire |
| 16. RUHONDO | : MURINDABIGWI Vincent |

ICYITONDERWA

- Amakomini 5 kuri 16 ntafite Abankadereri. Impamvu uwo mwanya w'ubuyobozi ukunze kubura abakozi ishingiyeye cyane cyane ko bahembwa na Komini, batameze nka bagenzi babo bahagarariye izindi Ministeri akaba ari nazo zibahemba. Akenshi bakabura umushahara kubera ubukene Komini zifite. Bitye ugasanga hari abavamo bakajya kwishakira imirimo ahandi abandi bakajya gukomeza amashuri.

Uburyo bwo kubasezerera mu kazi nabwo ntibabwishimira kuko bivugira ko uburumvikane buke na Burgumestri bukunze kuba intandaro yo kwirukanwa kwa Ankadereri kuko icyemezo gifatwa n'inama ya Komini iyobowe na Burgumestri kandi kigafatwa n'uregwa atari muri iyo nama.

- icyifuzo ni uko ba Ankadereri ba za Komini bashyirwa mu bakozi bagengwa na stati y'abakozi ba leta bagahembwa na Ministeri.

Mugihe ibyo bitarashyirwa mu bikorwa turasaba ko ubuyobozi bukuriye Ankadereri bwajya bugira uruhare mu gufata icyemezo kijyanye n'imikorere y'Ankadereri.

II. URUBYIRUKO.

II.1. IBARURA

- Ku byerekeye kumenya imibare y'urubyiruko dufite muri Perefegitura ntibyadushobokeye kubera impamvu z'umutekano muke warangwaga mu karere kacu.

II.2. INZEGO Z'URUBYIRUKO

- Inzego z'urubyiruko zari zimaze gushingwa ku rwego rwa Komini, segiteri ndetse no ku rwego rwa selire zari zatangiye gushingwa.

Aho abanyarwanda batahutse vuba baziye ari benshi, twari tugeze ku rwego rwo guhugura abahagarariye abandi ku buryo muri MUKINGO hari hahuriye abasore n'inkumi 230 bakahamara ibyumweru 2 bahugurwa ku burere mbonera gihugu. Mugihe twari dufite icyizere cy'uko imikorere y'urubyiruko mu nzego igiye gushingwa imizi nibwo haziyemo ibibazo by'umutekano muke ku buryo hari amasegiteri usanga Ankadereri adashobora kugeramo. Ize nzego rere zikaba zarasenyutse bisaba kuze-ngerera kuzishinga igihe hazaba haje umutekano.

.../...

II.3. AMAHUGURWA (INGANDO)

ICYICIRO CYA MBERE : (Site NKUMBA)

-Ingando yahuriwemo n'abahoze ari abarimu n'abaganga ba RUHENGURI na GISENYI yatangiye tariki ya 21/09/1997 isozwa tariki 21/09/1997.

ABAYIJEMO: - Abahuguwe : 2.890
- Abana : 1.264
- Bose hamwe : 4.154

(SITE NYAKINAMA)

- Ingando yahuje abahoze ari abanyeshuri ba RUHENGURI.

ABAYIJEMO : Abahuguwe : 4.507
Abana : 593
Bose hamwe : 5.200

AMASOMO YIGISHIJE:

ISOMO	UWALITANZE
1. Imiterere n'imibanire y'abantu mu mateka y'isi	: - NGARAMBE Francois
2. Amateka y'u Rwanda	: - Ambasaderi Denis Polisi
3. Imibanire y'ibihugu	: - SHAMAKOKERA Tharcisse
4. Ubuhunzi mu Rwanda	: - NKUSI Deo
5. Ubukungu bw'u Rwanda	: - BYANDAGO Livingsten
6. Ubutabera	: - NDORIMANA Pierre
7. Uruhare rw'urubyiruko mw'iterambere	: - MURIHIRA MUTSINZI Eugene
8. Uruhare rw'umutegarugori	: - RUSIMBI John
9. Amahamwe ya Demokarasi	: - KAYINAMURA Paul
10. Uruhare rw'uburezi	: - RUSIMBI John
11. Umutekano	: - Cl. MUGAMBAGE Frank
12. Gahunda ya Guverinema	: - RUCAGU Beniface
13. Uburenganzira bw'ikiremwa muntu n'ubutabera	: - NKONGOLI Laurent
14. Itangazamakuru	: - BIZIMANA Claude
15. Umuce w'amahoro n'ubwoherane	: - MUHIRE Jackson
16. Entreprenariat	: - NGAMILJE Augustin
17. CESTRAR	: - MURANGIRA Francois
18. Uruhare rw'umuce mu majyambere y'igihugu	: - KAYINAMURA Paul

.../...

ISOMO	:	UWALITANZE
19. Leadership	:	- KAYINAMURA Paul
20. Panafricanisme	:	- Mjr RUTAYISIRE Wilson

ABASHITSI BO KUWA 16/9/1997

1. Ministri RWIGEMA Pierre Celestin
2. " Dr Jacques BIHOZAGARA
3. " Dr KAREMERA Jpseph
4. " RUGENERA Mare
5. " MAZIMPAKA Patric
6. Umunyamabanga wa Leta Madame Beatrice SEBATWARE Penda

ABASHYITSI BO KUWA 17/9/1997

1. Ministri NAYINZIRA Jean Nepomuscene
2. " BIRUTA Vincent
3. Ambasaderi Denis Polisi
4. Depute BARIHUTA

ABASHYITISI BO KUWA 18/9/1997

1. NTAKIRUTIMANA Charles
2. KANYARENGWE Alexis
3. KAREMERA Joseph
4. Beatrice SEBATWARE Penda
5. GASIGWA Faustin
6. NTAKIYIMANA Denys
7. SHEKE ISSA

ICYICIRO CYA KABIRI : SITE NYAKAINAMA

-Ingando yahuje abahoze ari abakozi muri RUHENGURI yatangiye tariki 12/10/1997 isozwa kuri 13/11/1997.

ABAYIJEMO:-Abigishijwe bahawe ibyemezo (certificat) ni 1958

Abana	:	265
Bose	:	2223

.../...

- | | | |
|---------------|---|------------------------------|
| 17/- 20/1997 | : IMibereho n'imibanire | : - RUTUBUKA Emmanuel |
| 21-22/10/1997 | : Amateka y'u Rwanda | : - MUCOCORI Deo |
| 24/10/1997 | : Politiki mpuzamahanga | : - KAYINAMURA Paul |
| 25/10/1997 | : Umunyamba | : - RUTUBUKA Emmanuel |
| 27/10/1997 | : Ubukungu | : - RUBERANZIZA Eugene |
| 28/10/1997 | : Leader ship | : - NZITONDA Jacques |
| 29/10/1997 | : Demokarasi | : - RWUBATSE Andre |
| 29/10/1997 | : URUBYIRUKO | : - MUNGARURIYE Fidele |
| 30/10/1997 | : Umuce w'Amahoro | : - RUHAMIRIZA JMV |
| 31/10/1997 | : Itangazamakuru | : - RUTUBUKA Emmanuel |
| 01/11/1997 | : Gahunda ya Guverinema | : - RUCAGU Boniface |
| 03/11/1997 | : Ubutabera | : - BAYISABE Marcel |
| 04/11/1997 | : Umuce mw'iterambere ⁷ | : - NZITONDA Jacques |
| 04/11/1997 | : Uruhare rw'Umunyarwandakazi mw'itemambere | : - NYIRASAFARI Cecile |
| 05/11/1997 | : Uburezi | : - MUCOCORI Deo |
| 06/11/1997 | : Umutekano | : - Lt.Col MUNYAKAZI Laurent |
| 06/11/1997 | : Entreprenariat | : - S/P MURARA Adelard |
| 09/11/1997 | : Panafricanisme | : - MUNYANDAMUTSA J.Paul |
| 10/11/1997 | : Patriotisme | : - L.t. PETER MANZI |

b) ABASHYITSI (Baturutse i KIGALI)

1. Ministri Dr BIHOZAGARA Yakobo
2. " MAZIMPAKA Patrik
3. " KAREMERA Joseph
4. Depute KAGIRANEZA Deus
5. Secretaire d'Etat (MININTER) Mme Beatrice SEBATWARE Banda
6. Umukuru w'Abayisilamu
7. Col. KANYARENGWE Alexis
8. Representants O.NG.

H.C.R.

PAM

ABASHYITSI KU RWEGO RWA PEREFEGITURA

- Perefe n'aba Suprefe ba RUHENGURI
- Aba Burgumestri bose
- Abakuru b'Imirimo ku rwego rwa Perefegitura bose.

II.4. INGANDO Y'URUBYIRUKO (KUBAKIRANA)

* Ku byerekeye ingando z'urubyiruko twasanze igikorwa cyihutirwa cyari icyo kubakira abanyarwanda badafite amazu bitewe n'impamvu zinyuranye zifatiye ku makuba igihugu cyacu cyagize.

Bityo rero urubyiruko rwakunguriwe icyo gikorwa ni muri BUTARO hubakwa umudugudu ku ngufu z'urubyiruko hamwe n'inkunga y'umuryango CONCERN ndetse no muri NYAMUGALI hubakwa undi nk'uwonguwo.

Muri NYAKINAMA ho urubyiruko rwashoboye kwubakira abatishoboye muri za segiteri isakare ryatanzwe na HCR ry'amazu mirongo itanu(50). Hakaba uwo muryango wagombaga gutanga irindi sakare ry'amabati 30 ku inzu imwe kuko urubyiruko rwari rwiyeje kwizuka amazu magana atatu (300).

II.5. IBIGO BY'IMFUBYI

* Muri Perefegitura yacu hari ibigo by'imfubyi bibiri n'ikindi cyakira kigahuza abana baburanye n'ababo cyitwa CONCERN.

a) Ikigo cy'imfubyi cya BENEBIKIRA muri Komini KIGOMBE.

b) Ikigo cya JANJA muri Komini NDUSU

Muri ibyo bigo hari abana b'ibyiciro binyuranye kuva ku mpinja kugeza ku bana b'abanyeshuli mu mashuri abanza n'ayisumbuye.

Abana hamwe n'uburere busanzwe, batanzwe n'imikino inyuranye hamwe n'imyidagaduro ndetse n'iterere ABAKESHARUGAMBA cya BENEBIKIRA rikunze gutumirwa kwizihiza ibirori.

II.6. ABANA RWANDARWEJO

* Mu mugwi wa RUHENGURI naho hari abana bazwi kw'izina rya MAYIBOBO aribo RWANDARWEJO. Umubare wabo ntuzwi neza kuko ntabarura rirakorwa ariko biragaragara ko ari benshi.

* Umuryango wa CARTTAS mu RUHENGURI wegerageje kwegera bamwe muri abo bana babashyirira mu mazu ya diyoseze yari amashuri ataratangira. Uburyo abo bana bafashwe ntibushimishije kuko bitababuzaga gukomeza kuba inzererezi. Usanga baza mu kigo baje kwishakira ifunguro rya kumanywa bagasubira kwizererera.

Umubare muto niwo ucumbikiywe kandi abaraye ntibagira abarezi babitaho kuko bitahira hakarara gusa abazamu. Bikomeje bityo byatuma n'abatari mayibobo babaze kuko hari abava iwabo bakurikiye ibiryo bagaburirwa.

Nabajije niba bafite icyemezo cyo gushinga icyo kigo barakibura. Mbasobanulira ko bagomba kwerekana gahunda yabo ku rwego rw'igihugu rushinzwe RWANDARWEJO. Babashima bagahabwa uburenganzira.

.../...

Nabasabye kandi ko bajya bangezaho raporo y'imikorere yabo ariko byose ntibyakoze. ICYIFUZO cyacu n'uko Ministeri y'Urubyiruko, Siporo, Umuce no Kwigisha Imyuga Iciriritse yagera RUHENGARI ikigo cyo kurerama abo bana kuko batamerewe neza kandi ari benshi.

II.7. AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO

Ku byerekeye amashyirahamwe y'urubyiruko usanga atari menshi ugereranije n'ay' abakuzze.

Ahamini ayo mashyirahamwe agamije ubuhinzi. Ayo nayo agahura n'ikibaze cy'ubutaka budahagaje.

Ku butaka bwari busanzwe ari buto hiyongereyeho ko n'aho amakomini yajyaga asokeshya yagiye ahabwa abantu batahutse bakahagira amasambu.

Mubyo tubakangurira harimo n'uko bashinga amashyirahamwe y'ubukorikori. Umwaka w'1997 urangiye amashyirahamwe y'urubyiruko atifashe neza bitewe n'ibibaze by'umutekano muke hamwe n'inzara.

II.8. IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO

Imiryango y'urubyiruko (Mouvement de jeunesse) igwiriye cyane cyane mu bigo by'amashuri yisumbuye hamwe na muri za misiyoni nk'Abasaveri n'aba scouts. Iyi miryango y'urubyiruko n'ubwo ikora usanga nta ngufu kuko iyo abanyeshuri bagiyeye mu kiruhiko umuryango usa n'usenutse kuko ariho baba bawugize gusa.

Umuryango wa scouts ufite ikigo muri Komini KIGOMBE, segiteri CYUVE. Icyo kigo cyari gitangiye gusubukura imirimo cyakoraga mbere y'intambara yerekeye uburezi ariko ubu cyarahagaze kubera umutekano muke.

III. IMIKINO

a. IMIKINO Y'ABASIVIRE (Sport civil)

1. Umupira w'amaguru (Foot-ball)

Mu RUHENGARI dufite ikipe imwe yo mu cyiciro cya mbere ku rwego rw'igihugu (1ere division) ikaba yitwa VOLCANIC GORILLAS ariyo yitwaga VOLCANIC-LIONS. HAKABA n'indi y'ishuri ry'abajandarume (EGENA) ari mu cyiciro cya kabiri (2e division). Iyi kipe yavuye mu irushanwa kubera impamvu z'umutekano. Andi makipi ni ayo ku rwego rwa Komini aho buri Komini ifite ikipe iyiserukira.

AMARUSHANWA:

F.B. Irushanwa ry'umupira w'amaguru mu makomini.

Muri uyu mwaka w'1997 hakoze amarushanwa y'amakomini mu mukino w'umupira w'amaguru. Amarushanwa yatangiye mu kwezi kwa gatatu, akarangira tariki 15/2/1997, ariho hakinwe umukino wanyuma wirangiza (final Intercommunal), umukino wabereye kuri stade Regional mu RUHENGARI ukaba wari wahuje amakipe abiri yari yarushije ayandi ariyo KIGOMBE na NYAKINAMA.

.../...

Aho KIGOMBE yatsinze NYAKINAMA ibitego 3 kuri 1 maze KIGOMBE habwa igikombe.

2. UMUPIRA W'AMABOKO (VOLLEY BALL)

Kubirebana n'umupira w'amaboko V.B. mu RUHENGARI hari hamaze gushingwa ikipe R.V.C (RUHENGARI Volley ball club). Iyo kipe yashinzwe n'inama yo kuwa 15/05/1997 itorerwa na komite y'agateganye.

R.V.C. yari ikipe ihagazeza kuko no mu marushanwa yabereye i KIGALI yateguwe na Federation de volley yafashe umwanya wa kane.

Kubera ko ahaninini abenshi mu bakinnyi bari abanyeshuli ba EGENA kandi n'abandi bakinnyi baraterezwaga muri icyo kigo. Aho ishuli rihagarikiye amasome kubera impamvu zo gushaka kugarura umutekano. Byabaye ngombwa ko R.V.C. isa n'ise-nyutse.

Mu makomini ho uyu mukino umahari ariko nturatera imbere ugeranije n'uwa maguru (F.B.).

Usanga akenshi abafite ubumenyi bwarwo ari bake kandi n'ibikoreshe nk'inshundura (filet) biruhije kuboneka.

Iyo mikino uyisanga cyane cyane ahagereye umurwa wa Komini cyangwa ku kigo by'amashuli yisumbuye.

3. UMUPIRA W'INTOKE (BASKET-BALL)

- Mano mu RUHENGARI hari amakipe abiri ya B.B :
- R.B.C. (RUHENGARI BASKET-CLUB)
- Ikiye y'ishuli rya Janderumeri (EGENA)

Kubera ibabazo by'umutekano nayo ntiyagaragaye muri uyu mwaka 1997.

4. IMIKINO MU MASHULI.

I.1. Mu mashuli abanza

Mu mashuli abanza hakezwe irushanwa ry'umupira w'amaguru (foot-ball) ryahuje uturere tw'amashuli (seeteur scolaire) 16 tugize ifasi ya RUHENGARI. Amakipe y'uturere tw'amashuli amaze gukuranamo iyareketse ni KIGOMBE itsinze NDUSU ibitego 3 kuri 2., hari atariki 14/5/1997.

Iyi kipe ya KIGOMBE niye yahagarariye RUHENGARI ku rwego rwa zone ikaba yarahunze na NYAMYUMBA ya GISENYI kuri stade ya GISENYI tariki 18/5/1997.

Iyi kipe yahagarariye RUHENGARI niye yatsinze biyihesha itike yo gukina 1/2 mu rwego rw'igihugu mu mikino yabereye i GIPARAMA tariki 25/5/97.

.../...

I.2. MU MASHULI YISUMBUYE

Mu mashuli ya RUHENGARI niye yitabiriye irushanwa. Yagabanijwemo uturere 5.

Imikine barushanijwemo:

a) Abakobwa : V.B/b.B. na Athletsime

b) ABAHUNGU : F.B/V.B/B.B. na Athletisme.

Muriyi mikine yose amakipe yatsindiye guhagararira ifasi ya RUHENGARI n'aya :

a) Abakobwa : Volley-ball G.S. RWAZA
: Basket-ball G.S. RWAZA

b) ABAHUNGU : Foot-ball : Ecole Islamique RUHENGARI
Volley-ball : MUSANZE
Basket-ball : Petit Seminaire NKUMBA.

-Imikine ku rwego rwa ZONE (RUHENGARI-GISENYI) yakiniwe mu RUHENGARI.

Abakobwa : B.B. G.S. RWAZA yatsinze College INYEMERAMIHIGO ibitego 21 kuri 17.

V.B. G.S. RWAZA yatsinze G.S. RAMBURA 3 sets ku busa.

ABAHUNGU

F.B. ESISE -GISENYI yatsinze ESIR (RUHENGARI) ibitego 6 kuri 4.

V.B: ESISE (GISENYI) yatsinze G.S. MUSANZE amaseti 3 kuri 2.

B.B. Petit seminaire NKUMBA yatsinze college INYEMERAMIHIGO ibitego 41 kuri 37.

Amakipe yatsinze niye yaserukiye akarere ka GISENYI-RUHENGARI muri 1/2 cy'irangiza ry'amarushanwa ryabereye i BUTARE 31/7/97.

5. IMIKINO NGORORA

a) Abahungu n'abakobwa

Ibigo by'amashuli bitabiriye iyo mikino ku rwego rwa Zone ya RUHENGARI ni

ibigo bikurikira : 1. G.S, MUSANZE

2. G.S, de KIGOMBE

3. WAAA /RUHENGARI

4. Ecole Islamique RUHENGARI

5. G.S. RWAZA

6. Seminaire nto NKUMBA.

7. APROSEC KIDAHU

8. FIC ADEBU KIRAMBO

.../...

b) UKO BARUSHANJWE MU LJONJORA (Abatsinze)

METERO	IGITSINA	AMAZINA	IKIGO	-IGIHE
100	ABAHUNGU	NYANDWI Nadjib	G.S. de KIGOMBE	11"84
	:	KAZIMANA Paul	G.S. de MUSANZE	11"87
	ABAKOBWA	AKINGENEYE M.Grace	G.S. de RWAZA	14"07
	:	MUHAWENIMANA Olive	G.S. de RWAZA	14"10
200 m	ABAHUNGU	MUTANGANA Leon	Ecole Islamique	25"88
	:	GASHAGAZA Fiston	Ecole Islamique	26"00
	ABAKOBWA	MUKARUKUNDO Sabine	G.S. de RWAZA	32"11
	:	MUKANDAYAMBAJE L.	G.S. de RWAZA#	32"24
400 m	ABAHUNGU	MUTANGANA Leon	Ecole Islamique	57"00
	:	NIBISHAKA Emmanuel	Babit Sem. NKUMBA	58"32
	ABAKOBWA	MUKAMAJYAMBERE O.	G.S. de RWAZA	1"13"02
	:	N.BWUMVUNABAKE, C.	G.S. de RWAZA	1"14"48
800 m	ABAHUNGU	NSENGIYUMVA Aimable	APROSEC KIDAHO	2"14"00
	:	KAYITABA J.M.V.	Ecole Islamique	2"19"63
	ABAKOBWA	UWIZEYE Chantal	G.S. de RWAZA	2"45"47
	:	URAYENEZA Leonala	G.S. de RWAZA	2"45"56
1500	ABAHUNGU	MUSEMINALI Theogene	APROSEC KIDAHO	4"38"00
	:	MUJYANAMA Denys	ESSA RUHENGARI	4"41"44
	ABAKOBWA	KAMARABA Odette	G.S. de RWAZA	5"41"00
	:	NYIRABAZUBA Eugenie	G.S. de RWAZA	5"41"97
3000	ABAKOBWA	MUKARUTABANA Vestine	APROSEC KIDAHO	12"38"00
	:	MUSABYIMANA J.D*ARC	APROSEC KIDAHO	12"40"51
5000	ABAHUNGU	SISI Dieudonne	G.S. de KIGOMBE	17"14"00
	:	HATEGEKIMANA Emmanuel	G.S. de KIGOMBE	17"23"00
	ABAKOBWA	N.MBANGUTSE Brigitte	G.S. MUSANZE	20"23"00
	:	KAMARABA Odetta	G.S. de MUSANZE	20"40"00
10 000	ABAHUNGU	NDAGIJIMANA J.Besco	APROSEC KIDAHO	35"19"00
	:	MUNYAMASHULI Anaclet	APROSEC KIDAHO	39"49"00

.../...

METERO	IGITSINA	AMAZINA	IKIGO	IGIHE
R4 x 100 m	ABAHUNGU	RUBERA Simon		
		NKERAGUTABARA Jerome	Petit sem.	40"53
		DUSABE Telesphere	de NKUMBA	
	ABAKOBWA	NZAHABWANIMANA Alexis		
		MUHAWENIMANA Placidia		
		UWABABYEYI Solange	G.S. RWAZA	
		MUKAMAZERA Jolise		
		JAMBORYIMANA Winiflide		
R4x400 m	ABAHUNGU	NGANIZI Cyprien		
		MWIZERWA Jules	Petit seminaire:	4'1"43
		NIZEYIMANA Damien	de NKUMBA	
		NIYIGENA Frasma		
	ABAKOBWA	NYIRABANTU Clotilde		
		DUKUZUMUREMYI Beatha	G.S. de RWAZA:	4'19"00
		NYIRIMANA Pelagie		
		AKENGENEYE M.Grace		
Triple Saut	ABAHUNGU	NDINDIBLJE J.Paul	Petit Seminaire:	10.95m
		ZAYIRE Fidele	NKUMBA	9.80 m
Saut a	ABAHUNGU	NIBISHAKA Emmanuel	"	5 m 60
Longueur		NDINDIBLJE J.Paul	"	5m 45
PING PONG	ABAHUNGU	NSENGIMANA Theophile		
		NKURUNZIZA J. de la Paix	FIC ADEBU	
			KIRAMBO	
	ABAKOBWA	UKUNDASE Ilidia	"	
		NIYONIRINGIRA Theodosie	"	

6. UMUCO

Mu rwege rw'umuce twavuga ibyerekeye imyidagaduro.
-Nk'uko byasabwe ko buri Komini yagira iterere byari byarakezwe iretse ko ibibazo by'umutekane bituma ahenshi hatagikorwa imyitezo.
-Ku rwege rwa za segiteri naho hari amaterere akaba yaradehotse.

Iterere ABIYUNZE rya Komini RUHONDO niry ryahagarariye RUHENGARI mu marushanwa ku rwege rw'igihugu.

Intore za NKULI zatumiwe mw'isoza ry'ingando ku CYIMIRONKO n'i RUNDA muri GITARAMA.

Mu bitarame byo kwamamaza amahoro n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, habanje gukurwa ijonzera tariki 17/8/97/ amaterere n'abahanzi/ ^{ku} giti cyabo.

Kuwa 8/9/97 ariwo munsu wahariwe umuce hamwe n'umunsu wo kwigisha gusoma no kwandika, wizihijwe n'ibirori by'amaterere n'abahanzi bashimwe mw'ijonzera twavuze haruguru.

Hahataniwe batandatu ba mbere:

- 1er. NDARAMA J.Caude Komini MUKINGO
- 2e. NTAMUKUNZI " RUHONDO
- 3e ABIYUNZE iterere rya RUHONDO
- 4e. ABAJYANAMA " " NKUMBA
- 5e. MWITENAWA/iterere rya Augustin NYAMUTERA
- 6e. INYANGE iterere rya KIGOMBE.

Mw'ijamba Bwana Perefe yagejeje kubitabiriye uwo munsu mukuru yavuze ko uwo munsu ubaye umunsu mukuru wa mbere w'umwe n'ubwiyunge mu RUHENGARI.

Andi materere akunze guseruka ku munsu muguru no mu birori nk'ubukwe aboneka mu mugu wa RUHENGARI ni :

- ABATANYURANYA
- ANKESHARUGAMBA
- ABATONI.

ICYIFUZO:Ministeri yategura mahugurwa yakorerwa ba Ankadereri hamwe n'abayobozi b'amaterere.

7. KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

Mu RUHENGARI hari ibigo bitatu byahoze byigisha imyuga iciriritse (C.F.J.) aribyo : -C.FJ. KABONA Komini CYERU
-CEFMIVA Komini RUHONDO
-C.FJ. MUKINGO " MUKINGO

Ibyo bigo byose ntibirasubira gukora kandi bikeneye gusanwa mberya'uko byakoreshewa. Abanyeshuli baturuka RUHENGARI bajya kwiga i KAVUMU hakiriwe mu cyiciro cya mbere abasore babiri, umwe mu bukanishi n'undi mu bushoferi kandi baratsinze.

.../...

* 8. INGORANE N'IBYIFUZO

1. INGORANE:

- Kubera ibibaze by'umutekano muke urangwa mu karere ka RUHENGURI byadindiye imirimo.
- Kubura ibikoresho byerekeranye n'imikine
- Kuba Amakomini menshi atanu kuri 16 atakigira b'Ankadereri.

2. IBYIFUZO:

- Kutubonera ibikoresho ari iby'imikine ndetse n'ibye mu biro n'impaguru zahabwa b'Ankadereri ba za Komini.
- Gushyira b'Ankadereri ba Komini mu bakozi bwite ba Leta.
- Kugenera b'Ankadereri n'urubyiruke amahugurwa.

RAPOR O Y'IBIKORWA BY'UBUYOBOZI
BW'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO
KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE MURI
PEREFEGIT URA GITARAMA

UMWAKA WA 1997

I. INTANGIRIRO

Imilimo mu buyobozi bw'urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha imyuga iciriritse yagenze neza usibye bimwe byari biteganijwe bitashoboye kugerwaho kubera kubura amikoro ngo gahunda yabyo ishyirwe mu bikorwa.

Muri icyo raporo turagaragaza ibyakozwe mu rwego

- a) rw'urubyiruko,
- b) rwa siporo,
- c) rw'umuco,
- d) rwo kwigisha imyuga iciriritse.

Turanerekana ingorane buri murimo wahuye nazo tunatange ibyifuzo kugira ngo akazi karusheho kugenda neza.

Ku mugereka wayo turerekana gahunda y'ibiteganijwe mu mwaka wa 1998 n'imiterere y'abakozi.

II. URUBYIRUKO

a) INZEGO Z'URUBYIRUKO

Inzego z'urubyiruko zashoboye kujyaho mu ma serire, segiteri na komini hafi ya zose usibye ko hamwe na hamwe zituzuye ahandi zitashoboye kujyaho kubera ibibazo by'umutekano cyangwa kutagira abakozi ku rwego rwa komini. Amanama yagiye akoresha mu bayobozi b'izo nzego ndetse nabo bagakoresha amanama abo bashinzwe kuyobora ku buryo usanga zitaweho kurusha byagira akamaro.

Iyo urebye usanga izi nzego zikeneye gahunda yihariye yo kuzitugurura kugira ngo zishobore kurangiza inshingano zazo arizo gukangurira urubyiruko ubusabane, amahoro n'amajyambere. Zikwiye gusobanurirwa abayobozi bo mu nzego zose kugirango zishobore gushyigikirwa mu bikorwa byazo.

Mu buryo bwo gushakira inkunga urubyiruko hakoze isangano ry'urubyiruko muri komini ya kayenzi kuwa 17/7/97.

Hatumiwemo amadini yose, imiryango y'urubyiruko yose n'imiryango yose ikorera muri izo komini. Hatanzwe ibiganiro binyuranye bitangwa n'abayobozi b'inzego zinyuranye, abayobozi b'amadini bakangurira urubyiruko ubwoherane, ubufatanye n'ubutabera.

.../...
... ..

b) INGANDO

Ikindi cyakozwe mu rwego rw'Urubyiruko habaye ingando y'Urubyiruko rwahungutse rufatanije n'Urubyiruko rwibumbiye mu nsego zihariye ndetse n'abayobozi b'urubyiruko bose bo muri za komini.

Ingando z'iminsi itatu cyane cyane ziba zigamiye guhuza Urubyiruko ngo rusabane zabaye muri komini Bulinga, Taba na Nyamabuye. Izo ngando ziba ziri mu rwego rwa Paruwasi.

III. IMYUGA ICIRIRITSE

Ibigo by'urubyiruko

Mu bigo by'urubyiruko byahozeho byigisha imyuga urubyiruko ubu hakora ikigo cy'urubyiruko cya MPANDA, kikaba gifite abanyeshuri 205 : abahungu 139 n'abakobwa 66 mu mashami atatu ariyo :

- ubudozi,
- ububaji,
- ubwubatsi.

Vuba kizatangiza "électricité na Soudure".

Kubera ibibazo byo kubura amashuri bagiye hashingwa ibigo byigisha imyuga urubyiruko mu makomini :

- hafunguwe ikigo i GIKOMERO muri Mushubati gifashwa n'itorero (EER) ubu kimaze umwaka gikora.

- hafunguwe ikigo i KAYENZI kimaze umwaka gikora. Ubuyobozi bwa komini Kayenzi bubitezwamo inkunga n'umuryango utagengwa na Leta "Armée du Salut" ni bwo bwatangiye icyo kigo bise "Centre d'Education et de Formation aux métiers" higishwamo : ubwubatsi, ububaji, ubudozi, indimi, no kwandikisha imashini (dactyle).

- hafunguwe ikigo cy'urubyiruko kigenga i KABUGA ho muri komini TABA gifunguwe n'umupadiri AMUNARRIZ - José - Ramon kikaba kigisha amashinyaraza, ububaji, gusudira, gukora amazi (plomberie) icyo kigo cyakira urubyiruko habanje gukorwaho ikibazo.

- Hafunguwe ishuri ry'imyuga iciriritse i HANIKA ryigisha ububaji n'ubwubatsi.

- Hafunguwe ishuri ryigisha ubudozi n'ubumenyi rusange mu gihe cy'imyaka itatu. Ryafunguwe n'Umubikira Soeur J. Marie i Kabgayi. Iryo shuri ryakira abana b'imfubyi cyane cyane n'abandi bifuza kuryiga.

.../...
... ..

- Hafunguwe i Karambi muri MASANGO ishuli ryigisha ubudozi n'ububoshiye.

Ibigo byari bisanzwe ntibyashoboye gukomeza kubera ikibazo cyo kubura abalimu n'ibikoresho. Bigo by'abigenga na byo ntibikorana na Minisitere ibishinzwe ngo hatangwe koko amasomo ajyanye na programme yateganijwe bikaba byaba byiza bigiriwe inama ku mikorere mishya y'ibigo by'uruburuko kandi na Minisiteri ikagaragarizwa koko ko ibyo bigo bifite ubushobozi bwo kuzakomeza.

Twasabagako habaho igenzurwa muri ibyo bigo kugirango ashobore gukora afite ibyangombwa byuzuye. Byafasha ko ibyo bigo byita ku nyungu z'abana kurusha iz'ababishinzwe.

IV. IMIKINO N'IMYIDAGADURO.

Imikino irakorwa mu makomini yose ariko kugeza ubu hari ikibazo cy'amikoro atuma habura ibikoresho by'imikino (imipira, ibibuga, n'ibindi bikoresho ku mikino inyuranye) haracyabura impuguke ku byerekeye imikino imwe n'imwe nta batoza nta n'abasifuzi bashobora kuboneka ma makomini.

Twasabaga ko habaho uburyo bwo kwigisha buhoraho mu byiciro n'ibura abasifuzi n'abatoza, komini ikaba yagira n'ibura umwe.

a) Umukino w'umupira w'amaguru

Umupira w'amaguru ushobora gukinwa mu makomini yose. Muri uyu mwaka hateguye irushanwa ryahuje amakomini yose ya Gitarama ryatangiyeye kuwa 16/7/97 risozwa kuwa 26/10/1997. Komini Nyamabuye niyo yatwaye igikombe. Amakipe y'amakomini yageze muri $\frac{1}{2}$ cy'irangiza ni Nyamabuye, Tambwe, Kigoma na Musambira.

Mu mikino y'ijonjora habaye imikino 128 hakaba harasubiwemo imikino itanu(5) gusa. Iryo rushanwa ryatewe inkunga n'amakomini, ubuyobozi bwa Perefegitura n'umuryango SNV PRADEC Gitarama watanze inkunga y'imipira 8 yatanzweho ibihembo hejuru y'igikombe cyatanzwe na Minisiteri. Usibye iyo mikino ya "championnat" habaye n'imikino ya gicuti hagati y'amakomini, kandi ikitabirwa n'abantu benshi.

b) Imikino y'amagare

Amasiganwa ku magare yashoboye kuba muri komini Nyamabuye na komini Mukingi.

.../...
.....

Kuwa 9/3/97 i Mukingi hateguwe isiganwa ry'amagare babitewemo inkunga na SNV. Barikoreye ku burebure bwa km 30 (Byimana-Gafunzo-Byimana) batatu ba mbere bahawe ibihembo bishimishije harimo n'amagare aho yo kwitorezaho yanakoreshejwe n'urubwiruko rw'abakobwa rwari muri iryo rushanwa. Dore uko mu rwego rw'abahungu batatu ba mbere barushanijwe : uwa mbere yakoresheje: 57' 6"
uwa kabiri " : 58' 30"
uwa gatatu " : 59' 30"

Irindi siganwa ku magare ni iryahuje urubwiruko rwo mu mugwi wa Gitarama kuwa 4/5/97

c) Imikino y'amaboko

Kugeza ubu imikino y'amaboko ntiyitabiriwe mu makomini nk'uko umupira w'amaguru umeze bigaterwa n'ibikoreshe by'ayo mikino bihenze. Amarushanwa mu mikino y'amaboko ntarakoreshe. Imikino dufite kugeza ubu ni ihuza amakipe y'amashuri n'ay'abakozi bagenda batangiza icyo mikino ku makomini. Ariko mu rwego rwa perefegitura hari ikipe ya "volley-ball" ya 11th BN yitwa "Onze Bravo" ubu iri muri championnat y'igihugu. Yateguye imikino myinshi ya gicuti yakiniwe hano i Gitarama ndetse na Byumba.

Muri "Basket-ball", usibye mu bigo by'amashuri komini Mukingi n'ikipe yo mu mugwi wa Gitarama bagerageza gutegura imikino ya gicuti ibahuza n'andi makipe anyuranye. Nta yandi makomini usangamo amakipe akina uyo mukino.

Ku byerekeye "Hand ball" ni umukino utaramamara i Gitarama ndetse no mu bigo by'amashuri usanga uwo mukino usa n'aho utazwi. Kerestse muri Komini Runda ndetse na Nyamabuye niho hari amakipe apfa kugerageza.

Hakwiye ingamba zo gusakaza uwo mukino umuntu ahereye mu bigo by'amashuri.

IMYIDAGADURO

Kuwa 19/1/97 mu rwego rwa gicuti hakinwe imikino y'amaboko (volley ball) ku kibuga cy'inzu ndangamuco ya Gitarama yahuje 11^e BN na V.V.K. urangira 11^e BN itsinze set 3 kuri 2.

Kuwa 19/3/97 Seminari Nkuru ya Nyakibanda yasuye 11^e BN maze bakina imikino : Foot ball, Basket ball na Volley ball.

.../...
... ..

Foot ball : 11^o BN-Sem Nkuru : 3 buts-1 but
Volley ball:11^o BN-Sm Nkuru : 3 set - 1 set
Basket ball:11^o BN-Sem Nkuru : 53 paniers-31 paniers

Kuwa 25/1/97 Amasata V.C na Vétérande B.K basuye 11^o BN na Gitarama
B.C. batsindana kuri ubu buryo :
Volley ball : Amasata V.C - 11^o BN : 0 set - 3 set
Basket ball : Vétérande B.K - Git. B.C : 68 paniers - 52 paniers

IV. UMU CO N'UBUGENI

Mu nzu ndangamuco ya Gitarama habereye ibitaramo by'amatorero anyuranye kuwa 19/1/97 guhera saa munani itorero ry'ikinamico ry'urwunge rw'amashuri rwo mu Byimana y'abakobwa rwerekanye ikinamico.

Kuwa 25/1/97 batumiwe n'ubuyobozi bwa Perefegitura itorero URUGANGAZI rya Musée National n'itorero INGANJI bizihiye igitaramo mu nzu ndangamuco ya GITARAMA.

Gitarama yasuye n'itorero ryo mu Gihugu cya Uganda ryerekana imikino mu makomini atanu umuryango SNV-PRADEC ukoreramo baza gusoreza imikino yabo mu nzu ndangamuco ya Gitarama. Iryo torero ryari ryatumiwe na SNV.

Itorero INGANJI ry'i KIGOMA ryerekanye mu mashuri yisumbuye hafi ya yose ya Gitarama ibitaramo byari bikubiyemo ikinamico igamije kurwanya ikiza cya SIDA n'ubwiyongere bwayo mu rubyiruko. Iyo kinamico yabaga iherekejwe n'imbyino n'indirimo zifite insanganyamatsiko yo guharanira ubworoherane n'ubusabane mu bana b'Urwanda. Kugirango icyo gikorwa kigerweho tubikesha ubufatanye bwa HCDH n'ubuyobozi bw'urubyiruko muri Gitarama.

VI. UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Mu rwego rw'ubufatanye n'izindi nzego umuyobozi w'urubyiruko muri perefegitura yateguye inyigisho sinuranye anatanga n'ibiganiro mu mahugurwa yagiye atangwa n'inzeho sinuranye muri perefegitura cyane cyane mu makomini aya mahugurwa yatanze ku buryo bukurikira.

.../...

1° Mu manama anyuranye umuyobozi w'urubyiruko yagiye atanga ikiganiro kijyanye n'URUHARE RW'URUBYIRUKO MU MAJYAMBERE Y'IGIHUGU.

2° Mu mahugurwa yateguwe, mu makomini ku bayobozi, n'umuryango wita ku burenganzira bw'ikiremwanuntu (HCDH), hatanzwe ikiganiro k'URUHARE RW'UBUREZI MU GUSAKAZA UMUCO W'AMAHORO.

3° Isangano ry'abari n'Abategarugori baharanira amajyambere (Réseau des Femmes Oeuvrant pour le Développement), hatanzwe ikiganiro mu makomini atanu kijyanye n'INGAMBA ZO KURWANYA ITSEMBABWOKO MU RWANDA.

4° Muri gahunda yo gutegura imilyango kwakira abana b'i Gitagata yateguwe na ASOFERWA, ~~na~~ urubyiruko yatanze ikiganiro mu makomini atandatu kijyanye n'INGAMBA ZO KUGERA KUBWOROHERANE YO NZIRA Y'UBWIYUNGE.

5° Afatanije n'inama ngishya nama y'abategarugori b'i MUSAMBIRA (COCOF), umuyobozi w'urubyiruko yahuguye abari n'abategarugori K'URUHARE RW'UMUTEGARUGORI MU GUSAKAZA UMUCO W'AMAHORO.

6° Naho muri gahunda ya Minisiteri y'ubuzima yo guhugura "Abajyanama b'Ubuzima", Umuyobozi w'urubyiruko afatanije n'abayobozi b'Akarere k'Ubuzima ka Gitarama, yateguye amahugurwa y'abajyanama bo mu maserire yose ya Perefegitura ya Gitarama. Muri ayo mahugurwa yatanze ibiganiro binyuranye ari ku :

1° Mateka y'Urwanda,

2° Ikibazo cy'ubuhunzi mu rwanda,

3° Ingamba zo kurwanya itsembabwoko, n'ingaruka zaryo,

4° Ubuyobozi n'imiyoborere.

Ibyo ni byo byakozwe mu rwego rwo gufatanya n'abandi usibyeko twitabye n'amanama anyuranye aho babaga batwiyambaje ngo tubafashe mu gushakira hamwe uko akazi karushaho kugenda neza.

III. UMUSOZO

Uyu mwaka wagenze neza ariko ibikorwa byari byategenijwe byose ntibyashoboye kugarwaho neza kubera amikoro make ndetse n'agahunda z'ingando zabaye nk'izidutunguye. Mu bitashobotse navuga :

1° Amahugurwa yo gushimangira inzego zihariye z'urubyiruko muri "Secteurs" na Cellules"

2° Amahugurwa y'abahagarariye imikino muri komini (abatoza n'abasifuzi)

3° Amarushanwa y'amatorero ku rwego rwa perefegitura.

.../...

Tukaba twifuzako hajyaho gahunda ku rwego rwa Minisiteri yo gukangurira urubiruko duherewe ku gushimangira inzego zihariye z'urubiruko komite zikaba zajyaho kugesa ku rwego rwa perefegitura.

Ikindi twifuzako ni uko hajya habaho amanama n'ibura rimwe mu gihombwe ahuzwa abahagarariye Minisiteri muri perefegitura n'abayobozi ba "Département" zinyuranye za Minisiteri kugirango bajye ~~kanwa~~ z'uko akazi kakorwa ku buryo bujya gusa aho kugirango umwe muri perefegitura ajye yigirira gahunda ye uko abyumva.

Twasabaga kandi ko abayobozi banyuranye bo muri Minisiteri bajya batugezaho gahunda z'ibiteganijwe gukorwa kugirango tuzihuze n'izo tuba twateganije kuko bazidutunguza bikadindiza imilimo imwe n'imwe iba yarateganijwe ku rwego rwa Perrefegitura.

Ng'ibyo ibyakozwe muri uyu mwaka wa 1997, ingorane twahuye nazo n'ibyifuzo dufite kugirango akazi karushaho kugenda neza.

A N N E X E I

Ibyerekeye abakozi

- Mu biro bya perefegitura hari abakozi batatu :

1. RUTATIKA Jean de Dieu, umuyobozi w'imirimbo
2. RUTABANA Mathias, uwungiriye umuyobozi
3. MUKANTARE Jacqueline, umwanditsi

- Mu buyobozi bw'Urubyiruko muri komini abakozi ba minisiteri ni babiri ari bo :

- NYAMINANI Edouard komini MUKINGI,
- NDIKUMANA Joseph, komini NYAMABUYE

Abandi bayobozi b'Urubyiruko mu makomini ni abakozi ba komini, bahembwa nayo. Komini zose zifite abayobozi b'urubyiruko usibye komini RUTOBWE na MURAMA.

Abayobozi b'Urubyiruko muri komini KIGOMA, NYAKABANDA, TAMBWE ntibarebwa n'ubuyobozi bwa perefegitura baracyakora nkaho bageragezwa.

- Mu bigo bihugura urubyiruko dufite muri

- CFJ-MPANDA, abakozi 18
- CFJ - MASANGO umukozi 1
- CFJ - SHYOGWE umukozi 1

Aha nagira ngo nibutse ko uwitwa RUTAGENGWA Isafe wari "Directeur" na NYIRASHYAKA Stéphanie wari umwanditsi bataye akazi, tukaba twari twasabye ko imishahara yabo yahagarikwa.

REPUBLIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
PEREFEGITURA - BUTARE.

Butare, kuwa 02/03/1997.
N° 189/J.P.B/98

*Services Général
- Rapport à exploiter
- info Services
décentralisés
KAMU
25.3.98*

A traiter par
Date entrée: 14/03/98
N° Classement: 601/98

Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
K I G A L I.

IMPAMVU : Raporo y'umwaka
w'1997.

Nyakubahwa Minisitiri,

Nejejwe no kubohereza k'umugereka w'iyi baruwa,
raporo y'ibikorwa by'umwaka w'1997. Iyo raporo ikaba yaratinze gutangwa kubera ko
umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri perefegitura
ya Butare, yavuye kuri uwo mulimo, asize atayiteguye.

Mbifulije kubyakira neza.

Umuyobozi wungirije w'urubyiruko
i Butare,
MUTALINDWA Stany.

BIMENYESHEJWE :

- Bwana Perefefe wa perefegitura ya
B U T A R E .



- 1 -

REPUBLIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
PEREFEGITURA YA BUTARE.

-RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA W'1997.

Kugirango inshingano zacu zigerweho mu kazi kacu ko m'Ubuyobozi bw'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri perefegitura ya Butare, twifashisha abayobozi b'urubyiruko bo mu makomini. Ubu mu makomini 20, abiri(2) niyo adafite abayobozi b'urubyiruko : NYAKIZU na HUYE. Iryo bura rituma ibikorwa by'urubyiruko muri ayo makomini bidindira.

Ku mikorere twibanze cyane cyane ku byerekeye urubyiruko, siporo, umuco no kwigisha imyuga iciriritse.

I. ABAKOZI BAKORERA MINISITERI Y'URUBYIRUKO MURI BUTARE.

SERVICE	!	UMUBARE	!
1. ENCAJESCAPOP	!	3	!
2. MU MAKOMINI	!	18	!
3. CFJ. a) RWABUYE	!	25	!
b) NYANZA	!	18	!
c) SOVU	!	1	!
TOTAL	!	65	!

II. URUBYIRUKO.

2.1. UMUBARE W'URUBYIRUKO.

Imibare dufite ubu ni iy'urubyiruko rutiga n'urutigeze rwiga, ruri hagati y'imyaka 6 na 25. Uko abantu bakomeje guhunguka niko imibare yagendaga yiyongera.

.../...

KOMINI	6 à 11 ans			12 à 25 ans			total			Σ.G
	G	F	Σ	G	F	Σ	G	F	Σ	
11. MUYAGA	12.498	2.767	5.265	12.832	13.286	16.118	15.330	16.053	111.383	
12. MUGANZA	12.369	2.629	4.998	11.619	11.226	12.845	13.998	13.855	7.843	
13. RUHASHYA	286	265	551	178	149	327	464	414	878	
14. KIBAYI	496	477	973	468	487	955	964	964	1.928	
15. KIGEMBE	11744	1.521	3.265	993	11.119	12.112	12.737	12.640	5.377	
16. NDORA	376	414	790	969	1.240	2.209	1.345	1654	2.999	
17. MBAZI	598	174	772	378	146	524	976	320	1.296	
18. MUGUSA	958	934	1.892	11.357	11.280	12.645	12.315	12.222	4.537	
19. GISHAMVU	356	312	668	376	358	684	732	620	1.352	
110. IMARABA							14.773	15.072	9.845	
111. RUSATIRA							14.357	15.072	9.429	
112. SHYANDA									9.378	
113. NYARUHENGERI									2.420	
114. HUYE									5.190	
115. MUYIRA									6.285	
116. NGOMA										
117. NYABISINDU										
118. RUNYINYA										
119. MUYAZO										
120. NYAKIZU									80.140	

.../...

2.2. INZEGO Z'URUBYIRUKO.

Inzego z'urubyiruko n'imiyoboro urubyiruko ruza jya rucishamo ibitekerezo byabo. Hakaba hatorwa kuri buri selire, segiteri na komini urubyiruko umunani (8) :

1. Umuhuzabikorwa
2. Umuhuzabikorwa wungirije
3. Umunyamabanga
4. Ushinzwe uburezi n'umuco
5. Ushinzwe abari n'ingimbi
6. Ushinzwe kuzamura umusaruro n'imibereho myiza y'urubyiruko
7. Ushinzwe imali
8. Ushinzwe imikino n'imyidagaduro.

Urubyiruko rero rwitoyeye abaruyobora mu makomini yose.

- * Ku rwego rwa selire henshi usanga zicumbagira, ahandi ntizirajyaho.
 - * Ku rwego rwa segiteri hose zimaze kujyaho, uretse abagenda bavamo bagiye kurongorwa.
 - * Ku rwego rwa komini, 14 kuri 20 zimaze kujyaho.
- Abagenda bavamo cyane cyane mu buyobozi no kutabona amahugurwa, bituma zidindira ntizikore neza.

2.3. AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO.

Twakomeje gukangurira urubyiruko kwibumbira mu mashyirahamwe kuko aribwo buryo bwarwanya ubukene n'ubujiji bibugarije, bukazabageza no ku majyambere. Iyo amaze gushingwa, hari adashobora gukomeza kandi ntatere imbere kubera amikoro make. Biragaragara cyane ko aba akeneye inkunga y'ibikoreshe cyangwa amafaranga. Amashyirahamwe menshi yibanda k'ubuhinzi, ayandi k'ubworozi n'ubukorikori.

Umubare wayo.

1. Maraba	:	10	11. Nyaruhengeri	:	10
2. Muyaga	:	23	12. Ntyazo	:	7
3. Mbazi	:	10	13. Rusatira	:	5
4. Ndora	:	5	14. NGoma	:	8
5. Kibayi	:	6	15. Nyabisindu	:	7
6. Muganza	:	16	16. Huye	:	4
7. Ruhashya	:	4	17. Siganda	:	20
8. Kigembe	:	3			
9. Gishamvu	:	8			
10. Mugusa	:	9			

.../...

2.4 IMIRYANGO Y'URUBYIRUKO.

! Commune	! Scouts	! Xaveries	! J.O.C	! Legion-Marie	! J.A.S	! J.P
!	!	!	!	!	! Jeunesse	! Jeunesse
!	!	!	!	!	! Adventiste	! Pentecotiste
!1.MUGUSA	! x	! x	!	!	!	!
!2.KIGEMBE	! x	! x	! x	!	!	!
!3.RUHASHYA	! x	! x	!	!	!	!
!4.MUGANZA	! x	! x	! x	!	!	!
!5.KIBAYI	! x	!	!	!	!	!
!6.NDORA	! x	! x	! x	! x	!	!
!7.MBAZI	! x	!	!	!	!	!
!8.MUYAGA	!	! x	! x	!	!	!
!9.NGOMA	! x	! x	! x	!	! x	! x
!10.NYABISINDU	! x	!	!	!	!	!

2.5. IBINDI BYAKOZWE.

1. Ingando.

Urubyiruko rwahungutse vuba rwo mu mashuri yisumbuye n'amakuru rwo muri perefegitura ya BUTARE rwahuriye mu ngando yabereye i KANSI, ruhamara ukwezi kwose, kuwa kuwa 20/05/97 kugeza kuwa 20/06/97. Iyo ngando yari igamije kubakangurira amatwara mashya ya leta y'Ubumwe. Bahahuriye barenga igihumbi, abahungu n'abakobwa. Harimo abanyeshuri 880 n'urundi rutiga 367, rwari rwaje kubafasha. Uretse amasomo babonaga, bakoraga n'imilimo y'amaboko nko kubumba amafali ku buryo babumbye amatafari 39000.

Abanyarwanda bari abakozi mbere y'intambara yo muri 94, bo muri Butare bahungutse vuba nabo bahuriye mu ngando yabereye KIMIRONKO muri P.V.K. nabo bahamaze ukwezi: kuwa kuwa 16/10/97 kugeza kuri 18/11/97. Abanya Butare bonyine bari 622. abari abakozi 511 n'abari abanyeshuri 111. Uretse ibikorwa byerekeye ubuzima bwabo, igikorwa gikuru bakoraga cyari icyo kwiga gusa.

2. Stage.

- Umunyeshuri wo muri kaminuza y'u Rwanda, wo mu mwaka urangiza (LII S.S...) witwa UMURERWA Blandine yakoreye " Stage " mu buyobozi tuyobora ku bijyanye n'abana b'inzererezi. Yahamaze ibyumweru bitandatu, arangiza ahugukiwe neza mu byari byamuzanye.

.../...

3. Amahugurwa.

Hatanzwe amahugurwa y'abahagarariye amashyirahamwe (Umyobozi, umwungirije, umunyamabanga) mu makomini ya MBAZI, RUNYINYA na Muganza.

2.6. IBIGO BYA RWANDA RW'EJO (Jeunesse en situation difficile=J.S.D)

Ibigo birera abana bo mu muhanda mri Butare ni Bine.

1. IKIGO CYIRI I CYARWA :

Icyo kigo ni icya MIJESCAFOP. Kugeza m'ukubozwa 97, cyari gifite abana 432, harimo abakobwa 6. Abasubijwe mw'ishuli ni 203. Abatazi gusoma no kwandika babyigira mu kigo. Aba bana ahantu baba ntabwo ari heza, aliko habonetse ahandi bakwimurirwa, bakwimurwa.

ABAKOZI : - Umyobozi 1
- Abayobozi b'imilimo 3
- Umushoferi 1
- Ankadereri 3
- Abasururweya 2
- Abakozi bo mu gikoni 7
- Abazamu 3.

2. IKIGO CYIRI I NGOMA.

Icyo kigo ni icyo aba " METHODISTE LIBRE AU RWANDA " cyitwa "LE BON SAMARITAIN". Harimo abana 101, ariko 54 baba mu kigo, 47 bataha mu miryango yabo. Abana 26 biga mu mashuri abanza, 16 biga imyuga, 13 biga gusoma no kwandika.

ABAKOZI : - Umuhuzabikorwa 1
- Abayobozi b'imilimo 2
- Ankadereri 2
- Ushinzwe ubuzima 1.

3. IKIGO CY'INTIGANDA.

Harimo abana 83, higamo 71.

ABAKOZI : - Abahuzabikorwa 2
- Ankadereri 6
- Abayobozi b'imilimo 2
- Abashinzwe ubuzima 2
- Umuganga 1.

4. IKIGO CYA TURERERE U RWANDA/NYANZA.

.../...

III. IMIKINO (SPORTS).

Perefegitura ya Butare igizwe n'amakomini 20, buri komini ikaba ifite ikibuga cy'umupira w'amaguru. N'ubwo henshi bitameze neza, byose birakoreshwa. Hari n'amasegiteri afite ibibuga byiza n'andi afite ibitameze neza. ibibuga by'umupira w'intoki ntabwo biri kuri za komini zose, keretse ahagiye hari amashuli yisumbuye.

Amakipe y'amakomini hose amaze kujyaho k'uburyo menshi yagiye ahura, cyane cyane nkayo muri S/P ya GISAGARA.

Hakozwe shampiyona y'amashuli mato n'ayisumbuye. Amato mu mupira w'amaguru, naho ayisumbuye mu mikino y'umupira w'amaguru, imipira y'amaboko (Volley-Ball, Basket-Ball, Hand-Ball) n'imikino ngororangingo.

Habaye shampiyona yahuzaga uruburiko rw'abanyeshuli bahungutse vuba rwari mu ngando zose zabereye mu Rwanda, tukaba natwe twarayitabiriye kuko twari mu ngando i KANSI.

Habaye "Tournoi" y'abana bato "Cadet". Ikiye yo muri Butare yari yatsinze izindi "KADOGO-SCHOOL" ikaba yarageze mu gice cya nyuma cyabereye i Kigali, ikaba ariyo yatwaye igikombe.

Mu rwego rwo guhura n'ibindi bihugu, "Association Sportive INTWALI" yagiye i BUJUMBURA mu BURUNDI, ikina na CLUB GYMKHANA. Yatahanye intsinzi.

IV. U M U C O.

Kugeza ubu muri perefegitura ya Butare, hafi ya komini zose zifite itorerero ryazo; uretse ko no muri za segiteri usanga hari "Groupe d'Animation".

KOMINI

1. MUYIRA
2. RUHASHYA
3. NDORA
4. MARABA
5. MUGUSA
6. MBAZI
7. SHYANDA
8. KIGEMBE
9. RUSATIRA
10. MUYAGA
11. GISHAMVU
12. NYARUHENGERI
13. KIBAYI
14. NYABISINDU
15. MUGANZA

AMAZINA Y'AMATORERO.

- INYANGAGUHIGWA
INYANGE
ABURUKUNDO
ABADATANA
ABATICUMUGAMBI
IMARAGAHINDA
ABADATENGUHA
ABATICUMUGAMBI
ABAHARANIRAMAHORO
NDATWA
ISHINGIRO RY'URUKUNDO
INDACOGORA
IMBANZAGUSERUKA
INGABONZIZA ZA KOMINI
ITORERO RYA KOMINI.

Hari n'ayandi matorero azwiho ubuhanga :

- URUKEREREZA (Rukari - NYANZA)
- URUGANGAZI (Inzu ndangamurage y'U Rwanda).

AMARUSHANWA.

* Kuwa 19/197, habaye amarushanwa y'amatorero yo muri Butare ku "Bumwe n'Ubwiye". INYANGAGUHIGWA, itorerero rya komini MUYIRA niryo ryabaye irya mbere.

* Kuwa 16/3/97, habaye irushanwa rya kimwe cya kabiri cy'irangiza ku matorero yabaye aya mbere muri za perefegitura ; CYANGUGU, GIKONGORO, GITARAMA na BUTARE. Itorerero rya komini NYAMABUYE i GITARAMA niryo ryabaye irya mbere.

* Kuwa 20/7/97, habaye irushanwa ry'amatorero yo muri Butare ku "MAHORO N'UBWIYUNGE". Mu matorero 13 yari yaserutse, itorerero rya komini MUYIRA niryo ryabaye irya mbere n'amanota 80,1%.

.../...

V. IMYUGA ICIRIRITSE.

Muri perefegitura ya Butare hari ibigo bitatu bya Minisiteri y'Urubwiruko, Siporo, Umuco no kwigisha Imyuga Iciriritse, byigisha imyuga. Ikigo kiri i Nyanza, ikindi kiri i Kavumu, byombi bikaba biri muri komini NYABISINDU, n'ikindi kiri i RWABUYE muri komini NGOMA.

1. C.F.J. NYANZA.

Urubwiruko rwiga muri iyi C.F.J. ruba rwararangije umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza. Bahiga : Ububajje, Ubwubatsi n'ubudozi, bakiga amezi atandatu(6). Muri uyu mwaka wa 1997, harangije ibyiciro bibiri. Abamaze kuharangiza bose hamwe ni 216.

ICYICIRO CYA MBERE.

ISHAMI	ABAHUNGU	ABAKOBWA	BOSE
Ubwubatsi	39	10	49
Ububajje	48	-	48
Ubudozi	-	-	-
BOSE HAMWE	87	10	97

ICYICIRO CYA KABIRI.

ISHAMI	ABAHUNGU	ABAKOBWA	BOSE
Ubwubatsi	41	3	44
Ububajje	38	3	41
Ubudozi	1	33	34
BOSE HAMWE	80	39	119

2. C.F.J. RWABUYE.

Muri iki kigo biga : Kudoda, kubaka, kubaza no gusudira bikajyana n'iby'ubuhinzi, ubworozi hamwe n'ubworozi bw'amafi. Higamo abahungu n'abakobwa bakahiga imyaka itatu. Hari imyaka ya mbere n'iya kabiri kuri iyo myuga uko ari ine. Umwaka warangiyir mu myaka ya mbere harangije urubwiruko 105, naho moya kabiri 59. Bose hamwe ni 164. Etanga amafaranga y'ishuri :

- Ku mwaka wa mbere ni 6.000FRW
- Ku mwaka wa kabiri ni 2.000FRW.

.../...

3. IKIGO GIHUGURA ABASHOFERI N'ABAKANISHI.

Abashoferi bahugurwa amezi atatu, batwara ibimodoka binini. Abiga ubukanishi bamara amezi atandatu.

Muri uyu mwaka hamaze kurangiza ibyiciro bibiri by'urubyiruko rwiga gutwara ibimodoka bi binini, n'icyiciro kimwe cy'abiga ubukanishi.

Bigishwa n'Abarusiya.

Hari ibⁱndi bigo bitari ibya Minisiteri y'urubyiruko, bifashwe n'abihaye Imana:

1. C.F.J. y'i SAVE(komini SHYANDA)
2. C.F.J. y'i NYANTANGA(komini NYAKIZU).

Ibi bigo bikaba bikeneye inkunga yo kubahemba abarimu bityo ibikorwa by'ikigo bikagenda neza.

3. C.F.S.NGOMA(Centre de Formation de Scouts) nacyo kigisha imyuga.
4. CEF/TECYA/BUTARE.

Iryo shuli ryatangiyeye kuwa 15/9/97 i Butare. Hari umwaka wa mbere " Section Mécanique-automobile ", irimo abana 39, ibitsina byombi. Higishamo abarimu batanu n'umuyobozi waryo.

.../...

VI. I B Y I F U Z O.

1. Abayobozi b'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse bo mu makomini bagombye guhabwa uburyo bwo gukora, kubera ko ari abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko bagombye guhembwa nayo. Ibyo byagabanya ihindagurika ryabo no guhembwa batinze kubera amikoro make y'amakomini amwe n'amwe.

2. Kugirango akazi k'urubyiruko kgende neza, hakwiye amahugurwa :

1. Abayobozi b'urubyiruko bo mu makomini
2. Urubyiruko ruhagarariye abandi mu nzego. Muri selire, segiteri na komini.

3. Kubera ko urubyiruko rwitabira siporo cyane, twifuza ko Minisiteri yajya idutera inkunga ku bikoreho bya siporo (imipira n'ibindi ...)

4. Amashyirahamwe y'urubyiruko akwiye kwitabwaho agafashwa.

5. Ubuyobozi bw'urubyiruko ku rwego rwa perefegitura, burasaba Minisiteri ko yabukoreshereza ipikipiki y'akazi, imaze igihe kitari gito muri garage i Kigali cyangwa ikareba ukundi yabwohereza mu kazi.

6. C.F.J. y'i NYANTANGA na C.F.J. y' i MUGUSA, bikeneye inkunga ya Minisiteri, kugirango zikore. Byafasha urubyiruko rutari ruke.

7. Turasaba ubuyobozi bw'imyuga iciriritse muri Minisiteri ko bwavugurura uburyo bwo kwandika urubyiruko rujya kwiga mu kigo cy'i KAVUMU i NYANZA.-

VII. GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA W'1998.

<u>IBIKORWA</u>	<u>IGIHE(ukwezi).</u>
* Raporo 1997	1
1. Kuvugurura inzego z'urubyiruko mu makomini yose	4 - 7
2. Gusura ibigo bya ba Rwanda rw'ejo	2
3. Amahugurwa y'abayobozi b'urubyiruko bo mu makomini	6
4. Amahugurwa y'urubyiruko rugize inzego	6 - 12
5. Gukurikirana no kumenya ibikorwa bikorerwa mu miryango y'urubyiruko	5 - 8
6. Gutegura isangano ry'urubyiruko	5 - 8
7. Ingando	9
8. Gusura za C.F.J.	3
9. Kuvugurura amashyirahamwe y'urubyiruko, duhugura abagize ubuyobozi	4 - 9
10. Isiganwa ry'amagare(Cyclisme)	3 - 12
11. Shampiyona Inter-communal(Foot-ball)	6 - 10
12. Tournoi des cadets	9 - 10
13. Imikino ngororangingo y'amakomini	10
14. Gusura amatorero no kuyagira inama	8
15. Irushanwa ry'amatorero	9
16. Inama z'abayobozi b'urubyiruko.	1 - 12.-